




**REPUBLIKA Y'U RWANDA  
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE  
N'UBWIYUNGE**



*B.P. 174 Kigali  
Website : [www.nurc.gov.rw](http://www.nurc.gov.rw)  
E-mail : [unity@nurc.gov.rw](mailto:unity@nurc.gov.rw)*

**RAPORO Y'IBIKORWA  
2015 - 2016**

**NURC, Nzeri 2016**



## IBIKUBIYEMO

IBIKUBIYEMO.....	3
Amagambo ahinnye.....	5
Ijambo ry'ibanze.....	7
Iriburiro rusange.....	9

## IGICE CYA MBERE.....11

1. AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE, INSHINGANO N'INZEGO ZAYO.....	11
---	----

1.1.AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.....	11
---	----

### 1.2.INSHINGANO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.....11

1.3.INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.....	12
--	----

1.3.1.Inama y'Abakomiseri.....	12
--------------------------------	----

1.3.2. Biro ya Komisiyo.....	13
------------------------------	----

1.3.3.Ubunyamabanga Buhoraho.....	13
-----------------------------------	----

## IGICE CYA KABIRI.....14

### 2. IBIKORWA BYAKOZWE NA KOMISIYO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2015-2016.....14

2.1. GUSHYIRAHU INGAMBA NO GUKANGURIRA ABANYARWANDA UBUMWE N'UBWIYUNGE .....	15
---	----

2.1.1.Gahunda ya Ndi Umunyarwanda.....	15
--	----

2.1.1.1. Igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango.....	16
--	----

2.1.1.2. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Turere.....	30
---	----

2.1.1.3. Guhugura abashinzwe uburezi, urubyiruko, abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ku Karere.....	31
--	----

2.1.1.4. Ibiganiri mu rubyiruko rw'imitwe ya politike.....	34
--	----

2.1.1.5. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda muri Gereza ya Gasabo.....	34
---	----

2.1.1.6. Ibiganiri n'Abanyarwanda baba mu mahanga kuri Ndi Umunyarwanda.....	35
--	----

2.1.1.7. Gutanga ibiganiri mu banyeshuri baturutse mu mahanga.....	39
--	----

2.1.2. Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge.....	40
---	----

2.1.3.Umunsu mpuzamahanga w'amahoro.....	45
--	----

2.2. UBUSHAKASHATSI.....	56
--------------------------	----

2.2.1. Ubushakashatsi ku Gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda 2015.....	56
--	----

### 2.3. GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME NA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE.....61

2.3.1.Gukurikirana amatora.....	61
---------------------------------	----

2.3.2.Gusuzuma no gukurikirana imigendekere y'igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya Jenocide yakorewe Abatutsi.....	67
--	----

2.3.3.Uburyo buzifashishwa mu gukurikirana politiki y'ubumwe n'ubwiyunge.....	70
---	----

2.3.3.1. Amahugurwa ku buryo buzifashishwa mu gukurikirana iyubahirizwa rya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge.....	70
---	----

2.3.3.2. Inama n'abafatanyabikorwa ku buryo buzifashishwa kugenzura uko politiki y'ubumwe n'ubwiyunge yubahirizwa mu bigo.....	71
---	----

<b>2.4. GUKORANA N'IZINDI NZEGO NO GUHUZA IBIKORWA BIGAMIJE GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBWIYUNGE.....</b>	<b>72</b>
2.4.1. Ubufatanye n'inzego za Leta.....	72
1. Ubufatanye na RGB.....	72
2. Inzego z'ibanze.....	73
3. Ubufatanye n'inzego zigize itsinda ry'ubutabera.....	75
4. Komisiyo y'igihugu ishinzwe kurwanya Jenocide.....	75
5. Komisiyo ishinzwe gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zavuye kurugerero.....	78
2.4.2. Ubufatanye n'imiryango itari iya Leta.....	79
1. Umuryango "Unity Club" INTWARARUMURI.....	79
2. Imiryango ishingiyeye ku idini.....	80
3. Prison Fellowship Rwanda.....	86
4. Peace One day.....	88
5. Umuryango CARSA.....	88
6. Rwanda Youth Clubs For Peace Organization.....	90
7. Never Again Rwanda na IRDP.....	90
8. Association des Volontaires de la Paix (AVP).....	90
9. Noyau de Paix "Isôko ry'amahoro".....	91
10. Club z'ubumwe n'ubwiye mu mashuri makuru na kaminuza.....	91
11. Ubufatanye n'amashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiye.....	91
<b>2.5.KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KWAMAGANA IBYA BUBANGAMIRA.....</b>	<b>94</b>
2.5.1.Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo.....	94
2.5.2.Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko bigamije gusenya ubumwe n'ubwiye.....	97
<b>IGICE CYA GATATU.....</b>	<b>98</b>
<b>3. INGENGO Y'IMARI MU MWAKA WA 2015-2016.....</b>	<b>98</b>
INCAMAKE Y'IKORESHA RY'INGENGO 2015-2016.....	99
UMWANZURO.....	100
<b>IGICE CYA KANE.....</b>	<b>102</b>
IMIGEREKA.....	103
<b>URUTONDE RW'IMBONERAHAMWE</b>	
Imbonerahamwe ya 1 : Igaragaza imibare y'Abarinzi b'Igihango batoranyijwe ku rwego rw'Igihugu muri buri Ntara.....	17
Imbonerahamwe ya 2 : Ibipimo byavuye mu bushakashatsi.....	59
Imbonerahamwe ya 3 : Ibibazo byagaragaye n'aho bigaragara.....	64
Imbonerahamwe ya 4: Urutonde rw'agateganyo rw'abahoze ari abayobozi hirya no hino mu Turere.....	74
Imbonerahamwe ya 5: Igaragaza uko imari yinjiye n'uko yasohotse muri NURC mu mwaka w'ingenzo y'imari warangiye ku wa 30/06/2016.....	98
Imbonerahamwe ya 6: Incamake y'ikoreshwa ry'ingenzo 2015-2016.....	99
Imbonerahamwe ya 7: Urutonde rw'abashyitsi basuye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiye.....	103

## AMAGAMBO AHINNYE

AMUR	: Association des Musulmans au Rwanda
ARCT	: Association Rwandaise Conseil en Traumatisme
ARJ	: Association Rwandaise de Jeunesse
AVP	: Association des Volontaires de la paix
CARSA	: Christian Action for Reconciliation and Social Assistance
BBC	: British Broadcasting Corporation
CNLG	: Commission Nationale pour le Lutte contre le Génocide
EDPRS	: Economic Development and Poverty Reduction Strategies
FPR	: Front Patriotique Rwandais
OGS	: Office of the Government Spokesperson
PRIMATURE	: Office of the Prime Minister
MAJ	: Maison d'Accès à la Justice
MHC	: Media High Council
MIF	: Muslim Initiatives Forum
MIGEPROF	: Ministry of Gender and Family Promotion
MINALOC	: Ministère de l'Administration Locale
MINAFET	: Ministère des Affaires Etrangères
MINEDUC	: Ministère de l'Education
MINIJUST	: Ministère de la Justice
MINISPOC	: Ministère de Sport et Culture
MYICT	: Ministry of Youth and Information & Communications Technology
NIC	: National Itorero Commission
NURC	: National Unity and Reconciliation Commission
NYC	: National Youth Council
NWC	: National Women Council
RGB	: Rwanda Governance Board
RDB	: Rwanda Development Board
RNYC	: Rwanda National Youth Council
RRB	: Rwanda Reconciliation Barometer
RMC	: Rwanda Muslim Community
SCUR	: Students Club for Unity and Reconciliation





*Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, Bishop John RUCYAHANA*

## **IJAMBO RY'IBANZE**

Buri mwaka Komisiyo ishyira ahagaragara ibikorwa yagezeho ikurikije inshingano yahawe yo guteza imbere ubumwe n'ubwiye mu Banyarwanda.

Komisiyo isanga hari intambwe imaze guterwa mu rwego rwo kubanisha Abanyarwanda mu mahoro, himakazwa ubumwe n'ubwiye kuvurana ibikomere byatewe n'amateka na kirazira biri mu ndangaciro z'umuco Nyarwanda.

Umwaka wa 2015-2016 waranzwe n'ibikorwa byinshi bitandukanye byagezweho dukesha ubufatanye n'izindi nzego n'ubwitange n'umurava by'Inama y'Abakomiseri n'Ubunyamabanga Buhoraho.

Komisiyo yibanze cyane mu kwegera Abanyarwanda, bahabwa urubuga binyuze mu biganirwa byateguwe muri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda". Mu gushimangira gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Komisiyo yashyize ahagaragara urutonde rw'Abanyarwanda bakoze ibikorwa by'indashyikirwa bahabwa izina ABARINZI B'IGIHANGO, hakaba hari Abarinzi b'Igihango 17 bamurikiwe Abanyarwanda ku rwego rw'Igihugu.

Ubushakashatsi bwakozwe bwibanze ku Gipimo cy'Ubwiye mu Rwanda (Rwanda Reconciliation Barometer 2015). Iki gipimo cy'ubwiye mu Rwanda (Rwanda Reconciliation Barometer) gikorwa buri myaka 5. Ubushakashatsi bwa mbere ku gipimo cy'ubwiye mu Rwanda bwashyizwe ahagaragara mu Kwakira 2010, mu mwaka wa 2013 hakorwa ubushakashatsi bwimbitse ku ngingo zari zikenewe kurushaho gusobanurwa zari zagaragajwe na "Rwanda Reconciliation Barometer 2010".

Ubwo bushakashatsi bukaba bwari bugamije kureba aho Abanyarwanda bahagaze mu mibanire myiza, imiyoborere, ubutabera, umutekano, gusobanurwa n'amateka, n'ibiranga umuntu. Ibyavuye mu bushakashatsi byaramuritswe ku mugaragaro, bishyikirizwa inzego zirimo abagira uruhare mu bikorwa ry'ubumwe n'ubwiye, Intara n'Uturere kugira ngo hagaragazwe ingano z'imbaraga zizashyirwa ahakigaragara ibipimo biri hasi hatekerezwe kurushaho icyakorwa.

Turashimira Leta y' u Rwanda na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME bagize ubumwe n'ubwiyunge inkingi y'ubuzima bwiza n'iterambere by'Abanyarwanda.

Turashimira Inteko Ishinga Amategeko, imitwe yombi, ku nama badahwema kutugira kugira ngo Komisiyo irusheho kuzuza ishingano yahawe.

Turashimira Abanyarwanda muri rusange n'abafatanyabikorwa mu nzego zitandukanye kugira uruhare mu bikorwa ntangarugero by'ubumwe n'ubwiyunge kandi tubizeza ko Komisiyo izakomeza guharanira ibyimakaza amahoro n'imibanire myiza mu Banyarwanda no gutanga inama ku iyubahirizwa ry'amahame y'ubumwe n'ubwiyunge.

Amahoro y'Imana ku Banyarwanda bose.

Bishop RUCYAHANA John  
Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge





*Bwana NDAYISABA Fidèle*

*Umunyamabanga Nshingwabikorwa  
wa Komisiyo*

## **IRIBURIRO RUSANGE**

*Komisiyo imaze gukora ibikorwa byinshi bitandukanye birimo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge no gushishikariza Abanyarwanda kubana mu mahoro.*

*Umwaka wa 2015-2016 waranzwe n'ibikorwa bitandukanye by'Ubumwe n'Ubwiyunge, byakozwe na Komisiyo nk'urwego rushinzwe guteza imbere no guhuza ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge, ifatanyije n'izindi nzego zitandukanye zirimo iza Leta, iz'abikorera, sosiyete sivile by'umwihariko imiryango ishingiyeye ku idini.*

*Mu gusohozza inshingano zayo, uyu mwaka Komisiyo yashyize imbaraga mu gukangurira Abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge binyuze muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda nk'umuyoboro Igihugu kiyemeje kunyuzamo gahunda zishimangira kubaka ubunyarwanda no guha agaciro isano ihuza Abanyarwanda, gukora ubushakashatsi no guhuza ibikorwa byimakaza imibanire myiza. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yakomeje gushyira mu bikorwa inshingano nkuru yayo yo guteza imbere no kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.*

*Iyi raporo igaragaza ibikorwa byakozwe bishingiye ku igenabikorwa ry'umwaka wa 2015-2016 birimo:*

- *Guhuza ibikorwa no kwongera ubushobozi bw'abagira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge mu nzego zitandukanye binyuze mu mahugurwa, harimo imboni z'ubumwe n'ubwiyunge mu bigo bya Leta na sosiyete sivile, abashinzwe uburezi, urubyiruko, abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu Turere;*
- *Kwunganira no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda ya Ndi Umunyarwanda, mu nzego z'ibanze, mu bigo bitandukanye no mu mahanga;*
- *Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro n'Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge;*
- *Gufatanya na Unity Club- Intwararumuri mu gutunganya ihuriro nyunguranabitekerezo ku bumwe n'ubwiyunge;*
- *Gukora ubushakashatsi ku bibazo bifatanye isano n'ubumwe n'ubwiyunge no ku gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda (Rwanda Reconciliation Barometer 2015) ;*
- *Gukurikirana by'umwihariko amashyirahamwe afite ibikorwa ntangarugero mu bumwe n'ubwiyunge ;*
- *Gutoranya no kumurika Abarinzi b'Igihango ;*
- *Gukurikirana amatwara y'inzego z'ibanze hagamijwe kureba ko yubahiriza amahame y'ubumwe n'ubwiyunge ;*
- *Gukurikirana ibikorwa by'icyunamo cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku*

*Mu mwaka wa 2016-2017, Komisiyo izakomeza gushyira mu bikorwa inshingano zayo, yibanda cyane kuri ibi bikurikira:*

- *Kwita ku Banyarwanda babyiruka mu rwego rwo kububakira ubudahangarwa ku nzitizi zagaragaye ko zikibangamiye ubumwe n'ubwiyunge no kubongerera ubushobozi bwo gusobanukirwa neza isano isumba ibindi bahuriyeho nk'Abanyarwanda no kumva neza ukuri ku mateka y'Abanyarwanda;*
- *Gukomeza ibiganiro bya gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda;*
- *Kunozza imikoranye n'abafatanyabikorwa bagira uruhare rufatika mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge;*
- *Gukurikirana uko amahame y'ubumwe n'ubwiyunge yubahirizwa mu nzego zishinzwe imiyobore by'umwihariko;*
- *Gukomeza kugaragaza indashyikirwa z'Abarinzzi b'Igihango n'ibikorwa byabo;*

*Komisiyo irazirikana uruhare rwa buri Munyarwanda mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge kandi irashimira abagize uruhare rw'ingirakamaro mu bimaze kugerwaho, Ubunyamabanga buhoraho bwiyemeje gukomeza kubungabunga no guteza imbere nta kwizigama.*

*Dukomere ku bumwe bw'Abanyarwanda, inkingi y'amahoro n'umusingi w'amajyambere arambye.*

*Umunyamabanga Nshingwabikorwa  
NDAYISABA Fidèle*

## IGICE CYA MBERE

### 1. AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE, INSHINGANO N'INZEGO ZAYO

#### 1.1.AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Igitekerezo cyo gushyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda cyagaragaye bwa mbere mu mishyikirano y'amahoro yaberaga Arusha muri Tanzaniya mu mwaka w'1993 hagati y'Umuryango wa FPR-Inkotanyi na Leta y'u Rwanda y'icyo gihe. Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu mwaka wa 1994 yatumye ishyirwaho rya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge rirushaho kuba ngombwa no kwihutishwa. Nyuma y'ibiganiro nyunguranabitekerezo byahuje ibyiciro binyuranye by'Abanyarwanda muri Village Urugwiro guhera mu mwaka wa 1998 kugeza mu wa 1999, hatangajwe raporo ikubiyemo imyanzuro mu nzego eshanu arizo: Ubumwe n'Ubwiyunge, demokarasi n'imiyoborere myiza, ubutabera, ubukungu n'umutekano mu Gihugu.

Umwanzuro wo gushyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda waje gutorwa n'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yashyizweho n'Itegeko 03/99 ryo ku wa 12 Werurwe 1999, nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko N° 35/2008 ryo ku wa 08 Kanama 2008. Komisiyo kandi iteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe muri 2015.

#### 1.2.INSHINGANO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Itegeko no 40/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rihindura kandi ryuzuzwa itegeko no 35/2008 ryo kuwa 08/08/2008 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo. Nkuko biteganywa muri iri tegeko, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahawe inshingano zikurikira :

1. *Gutegura no guhuza gahunda y'ibikorwa by'Igihugu bigamije Ubumwe n'Ubwiyunge;*
2. *Gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo gushimangira Ubumwe n'Ubwiyunge;*
3. *Gutanga inama no gukangurira Abanyarwanda ibyerekeye Ubumwe n'Ubwiyunge;*
4. *Gukora ubushakashatsi, gukoresha ibiganiro mpaka, gusakaza ibitekerezo no gutangaza inyandiko bigamije gufata ingamba nshya zo kurushaho kubaka Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda;*
5. *Gushyiraho ingamba z'ibikorwa byarandura amacakubiri mu Banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, bigamije kurushaho kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda;*
6. *Kugaragaza, kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'invugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose ryakorwa cyangwa ryakorerwa Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga;*
7. *Gukora raporo buri mwaka n'igihe bibaye ngombwa ku miterere y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda;*
8. *Gukurikiranira hafi uko inzego za Leta n'iz'abikorera, imiryango nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorerwa mu Rwanda, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange bubahiriza amahame na politiki by'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda;*
9. *Gukorana n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga zifite ibikorwa bifite aho bihurira n'inshingano za Komisiyo mu rwego rwo guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge.*

### 1.3.INZEGO ZA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

#### 1.3.1.Inama y'Abakomiseri

Inama y'Abakomiseri ba Komisiyo ni urwego rukuru rwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge rugizwe n'Abakomiseri. Imirimo y'Inama y'Abakomiseri igaragarira mu bikorwa bya Komisiyo aho bagira uruhare mu gutanga umurongo w'ibikorwa hakurikijwe inshingano za Komisiyo.



*Bishop RUCYAHANA John*  
*Perezida wa Komisiyo*



*UWIMANA Xavérine*  
*Visi-Perezida wa Komisiyo*



*Bishop GASHAGAZA Déo*



*UMUBYEYI M. Médiatrice*



*Padiri CONSOLATEUR Innocent*



*UMURUNGI Cynthia*



*RULINDA Innocent*



*BUGINGO Emma Marie*



*DUSABEYEUZU Thacienne*



*Sheikh BISHOKANINKINDI David*



*MUREBWAYIRE Christine*

### 1.3.2. Biro ya Komisiyo

Biro ya Komisiyo igizwe na Perezida, Visi Perezida, Umunyamabanga Nshingwabikorwa akayibera Umwanditsi.

### 1.3.3. Ubunyamabanga Buhoraho

Ubunyamabanga Buhoraho ni urwego mpuzabikorwa, ruyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, bukaba bugizwe n'amashami y'imirimo akurikira :

- Ubumwe, Ndi Umunyarwanda n'Ubukangurambaga Rusange (Unity National Identity and Public Awareness Division)
- Ishami rishinzwe Icungamutungo
- Ishami ry'Ubunyamabanga Buhoraho

Ubunyamabanga buhoraho bushyira mu bikorwa inshingano ziteganywa n'Itegeko mu gutunganya, guhuza ibikorwa byose bya Komisiyo.

## IGICE CYA KABIRI

### 2. IBIKORWA BYAKOZWE NA KOMISIYO MU MWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2015-2016

#### Ibikorwa byakozwe n'Inama y'Abakomiseri

Hashingiwe ku itegeko rishyiraho Komisiyo rikagena imikorere n'imikoranire y'urwego, Inama y'Abakomiseri iterana rimwe mu kwezi mu nama zisanzwe n'igihe cyose bibaye ngombwa mu nama zidasanzwe. Hakoze inama cumi n'ebiri (12) zisanzwe n'inama imwe idasanzwe. Abagize Komisiyo kandi barangiza inshingano zabo mu bikorwa byihariye harimo no kwegera abagenerwabikorwa ba gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge.

Mu byakozwe n'abagize Inama y'Abakomiseri twavugaga :

- Abakomiseri basuzumye banemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo byakozwe mu mwaka wa 2014/2015, gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2015/2016 n'uwa 2016-2017;
- Inama y'Abakomiseri yagize uruhare mu itoranywa ry'Abarinzi b'Igihango;
- Gutanga ibiganiro mu Turere kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda no kwitabira icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge;
- Kwitabira ihuriro rya 8 rya Unity Club;
- Ku bushakashatsi bwakozwe ku gipimo cy'ubwiyunge cya 2015, batanze inama ku bikwiye kwibandwaho mu gukora ubushakashatsi banatanga icyerekezo cy'ibikwiye kwifashishwa mu gihe cy'ubushakashatsi kuva mu itangira ryabwo kugeza burangiye;
- Kwitabira no kugira uruhare mu gukurikirana amatora y'inzego z'ibanze;
- Inama y'Abakomiseri yashyizeho ingamba n'uburyo bwo gusuzuma iyubahirizwa ry'amahame y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Inama y'Abakomiseri yagize uruhare mu gukemura ibibazo by'amacakubiri n'amakimbarane byari biri mu idini ya Islamu mu Rwanda.

Ibikorwa by'ingenzi byakozwe mu mwaka wa 2015-2016 bikubiye mu ngingo 5 zikurikira, zijyanye n'inshingano za Komisiyo:

## 2.1. GUSHYIRAHO INGAMBA NO GUKANGURIRA ABANYARWANDA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge ni imwe mu nshingano nyamukuru Komisiyo y'Igihugu yahawe, kugira ngo igeze Abanyarwanda ku bwiyunge n'amahoro arambye. Gukomeza kubaka ubumwe n'ubwiyunge, ni urugendo buri Munyarwanda wese asabwa kugiramo uruhare kugira ngo Abanyarwanda barusheho kubana mu mahoro, mu bworoherane no mu bwizerane bubaka Igihugu cyabo.

Iki gice gikubiyemo inshingano eshatu Komisiyo yahawe zahurijwe mu gushyiraho ingamba z'ibikorwa no gutanga inama byubaka bikanateza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, bikanarandura amacakubiri mu Banyarwanda b'imbere mu gihugu no mu baba hanze.

Inshingano zuzuzanya zahurijwe muri iki gice ni izikurikira:

- Gushyiraho no guteza imbere uburyo bwo gushimangira ubumwe n'ubwiyunge;
- Gutanga inama no gukangurira Abanyarwanda ibyerekeye ubumwe n'ubwiyunge;
- Gushyiraho ingamba z'ibikorwa byarandura amacakubiri mu Banyarwanda bo mu gihugu n'ababa hanze, bigamije kurushaho kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda;

Mu kuzuzanya izi nshingano hakozwe ibikorwa bishishikariza Abanyarwanda kugira umuco wo kuganira no gukorera hamwe bikurikira:

### 2.1.1. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda

Gahunda ya Ndi Umunyarwanda ni umurongo Igihugu cyashyizeho, nyuma yo kubona ko Igihugu cyasenutse n'abenegihugu bagahungabana bagatakaza byinshi bari bahuje byatumaga bakorera hamwe, bagahashya icyabarwanya, bakarwanya icyabatanyaga. Ibihe bikomeye Abanyarwanda banyuzemo birimo gutesha agaciro ubunyarwanda, ubuhunzi, ivangura n'ingengabitekerezo ya Jenoside, ihezwa rya bamwe mu Banyarwanda, iringaniza mu mashuri no mu mirimo, itotezwa, ubwicanyi bwa hatu na hatu, Jenoside yakorewe Abatutsi. Abanyarwanda banze kuba imbata z'amateka mabi bimika umuco w'ibiganiro bagamije kwiyubaka no kubaka Igihugu muri rusange.

Mu mwaka wa 2015-2016, gahunda ya Ndi Umunyarwanda yakomeje mu Turere binyuze mu biganiro n'inzego zitandukanye zihagarariye abaturage nk'uko byari biri mu mihigo y'Uturere. Komisiyo kandi yakomeje ibiganiro mu mashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge mu rwego rwo guteza imbere no gushyigikira ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge. Haganirijwe ibyiciro by'abagize amashyirahamwe, urubyiruko rutandukanye, imiryango itari iya Leta, abanyamadini.

### 2.1.1.1. Igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango

Amateka y'u Rwanda rwo hambere atugaragariza ko ubunyarwanda bwabaye ishingiro ry'ubutwa bwo kubaka Igihugu no kukirinda. Isano Abanyarwanda bemeraga ko basangiye yabasangiza urukundo n'ishema bari bafitiye u Rwanda. Ibi byaheshaga Abanyarwanda igitinyiro imbe y'amahanga kugeza ku mwaduko w'abakoloni. Nyuma y'urugamba rwo kubohora Igihugu r guhagarika Jenocide yakorewe Abatutsi, hakurikiyeho urugamba rwo gusana ubumwe bw'Abanyarwanda, na n'ubu rugikomeje. Uretse Leta n'inzego zayo babifite mu nshingiro Abanyarwanda b'ingeri zitandukanye ku bwabo bagiye bagaragaza ubudashyikirwa mu kugiruhare muri uru rugamba.

#### Amavubu n'amavuko

Nyuma y'imyaka ibiri hatangijwe gahunda ya Ndi Umunyarwanda, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu bufatanye na Unity Club Intwararumuri bateguye igikorwa kigamije kumenya no kumenyekanisha abakoze cyangwa se bagikora ibikorwa by'indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda hagamijwe gukomeza kwimakaza ubunyarwanda, gufasha Abanyarwanda kumva isano bafitanye n'Igihugu, ndetse no gushyira inyungu z'Igihugu imbere, ariko cyane cyane bakabigira ubuzima bwa buri muni. Muri iyi gahunda izo ndashyikirwa zahawe izina ry'"ABARINZI B'IGIHANGO". Ubumwe bw'Abanyarwanda, isano dusangiye twese ikaba n'igihango ubundi cyaziraga gutatirwa, bwarasenywe bityo n'icyo gihango kiratirwa; abagize uruhare mu kubungabunga no kugarura iki gihango ni Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga bagikomeyeho, biyemeza no kukirinda. Iyi ni yo nkomoko y'iryo zina "ABARINZI B'IGIHANGO". Igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango kigamije kumenya no gushimira abantu ku giti cyabo bagiye bagira uruhare rudasanzwe mu rugamba rwo kubaka ubunyarwanda, bagahabwa izina ry'Abarinzi b'Igihango; ibikorwa byabo bikamenyeshwa Abanyarwanda bariho n'ababyiruka hagamijwe gukomeza kwimakaza indangagaciro z'ubunyarwanda no kwiyumvamo ishema ryo kuba Umunyarwanda.

#### Intego zihariye z'iki gikorwa ni izi zikurikira:

- Kumenya ibikorwa by'indashyikirwa n'ababikoze;
- Kugaragariza umuryango nyarwanda abagize uruhare mu bikorwa by'indashyikirwa;
- Gushimira abantu bagize uruhare mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;
- Kwishimira ibimaze kugerwaho;
- Kwifashisha ibikorwa ntangarugero mu gukangurira Abanyarwanda ubumwe n'ubwiyunge;
- Gushyigikira no kubungabunga umurage mwiza ngo ibikorwa ntangarugero bitazima.



## Imigendekere y'igikorwa

Nyuma yo guhugura abagombaga guhugura amatsinda yo gutoranya Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Imirenge n'Uturere (Abayobozi b'Uturere bungirije bashinzwe imibereho myiza, Abayobozi bashinzwe imiyoborere myiza ku rwego rw'Uturere n'abakozi mu Turere bashinzwe itorero n'ibikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge) amatsinda yo gutoranya Abarinzi b'Igihango muri izo nzego yarahuguwe n'abaturage barabikangurirwa ku rwego rw'Utugari kuko ariho igikorwa cyatangiriye. Ibi byose byakozwe hashingiwe ku bisabwa kuri buri rwego.

### Urwego rw'Akagari

- Kuba afite ubuhamya bwiza mu muryango;
- Kuba yaragize uruhare mu bikorwa bifasha abandi, bitavangura kandi bishyira imbere inyungu rusange;
- Kuba yarafashije abaturanyi n'Abanyarwanda muri rusange kwiyubaka, kwiyunga no gukira ibikomere.

### Urwego rw'Umurenge

- Kuba ibikorwa bye ari ibikorwa biramba kandi biteza imbere imibanire n'imibereho y'abantu bari aho bikorerwa;
- Igikorwa kigomba kuba ari umwimerere/ nyir'ubwite ariwe wakitekerereje.

### Urwego rw'Akarere

- Ibikorwa byihariye bifasha Abanyarwanda kuva mu bibazo by'ingutu bikomoka ku mateka banyuzemo (abana b'imfubyi, abapfakazi, abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi abasigajwe inyuma n'amateka...)

### Urwego rw'Igihugu

- Kuba urugero yatanze rwareze imbuto (effet multiplicateur/multiplier effect).

**Imbonerahamwe ya 1 : Igaragaza imibare y'Abarinzi b'Igihango batoranyijwe ku rwego rw'Igihugu muri buri Ntara.**

<i>INTARA</i>	<i>IGIHUGU</i>
AMAJYARUGURU	1
AMAJYEPFO	5
IBURASIRAZUBA	3
IBURENGERAZUBA	3
UMUJYI WA KIGALI	5
<b>TOTAL</b>	<b>17</b>

## Igikorwa cyo gushima no kumurika Abarinzi b'Igihango

Igikorwa cyo kumurika no kwizihiza Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu cyayobowe na Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Jeannette KAGAME Umuyobozi Mukuru wa Unity Club mu ihuriro ryayo rya 8. Ku ikubitiro, hamuritswe 17 ku rwego rw'Igihugu.



*Perezida wa Repubulika Paul KAGAME ashimira Abarinzi b'Igihango*



## **Abarinzi b'Igihango batoranyijwe**

### **Umwirondoro n'aho bakomoka**

#### **GATUYIRE DAMIEN**

Yavutse : 1940

Se : RUKIZAMBUGA

Nyina : GASHIRABAKE

Mwene RUKIZAMBUGA

Akarere : Gatsibo

Umurenge : Gasange

#### **Ibikorwa byamuranze**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yari Konseye wa Segiteri ya Gasange muri Komine Giti, yagize uruhare rukomeye rwo kubuza abaturage be kwitabira Jenoside yakorewe Abatutsi ahubwo bafatanyaga kurwanya ibitero by'interahamwe zavaga Murambi na Gicumbi. Ibi byatumye muri Segiteri yayoboraga nta batutsi bahagwa kandi yakomeje kubanisha abaturage mu mahoro.

Mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu gihe cy'amashyamba menshi yasabye abaturage be ko batatandukanywa n'amashyamba ahubwo ko bakomeza kuba umwe bagafatanyaga n'ubwo baba mu mashyamba atandukanye. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi afatanije n'abaturage barwanyije interahamwe zavaga Murambi na Gicumbi bakoresheje imiheto, amacumu n'amabuye bityo bashobora kurinda inkike za Segiteri yayoboraga. Yakuye ubwato bwose mu kiyaga cya Muhazi kugira ngo Interahamwe zituruka muri mu cyahoze ari Komini Bicumbi zitabona uko zambuka ngo zibatere. Kubera igitsure cye nta baturage be bivanze mu bikorwa byo kwica no gusahura. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yakomeje kuyobora kugeza muri 2003, akomeza kubanisha abaturage mu mahoro, atanga ibiganiro bigamije guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda.

#### **2. Musenyeri NZAKAMWITA Servilien**

Yavutse : 1943

Se : KARENZI Petero

Nyina : KANAKUZE Dancilla

Akarere : Gicumbi

#### **Ibikorwa byamuranze**

Nyuma yo kwicirwa umuryango muri Jenoside yakorewe Abatutsi, Musenyeri Nzakamwita yagize uruhare mu kubakira amacumbi Abanyarwanda batari bafite amacumbi batahutse bava muri Uganda, Tanzaniya n'abari bahasanzwe kandi harimo n'abamwiciye.

Yakomeje kugira ibikorwa byihariye biteza imbere amahoro, ubumwe n'ubwiyunge mu bana n'urubyiruko n'ababyeyi. Yahuje urubyiruko rwo muri Kiyombe atavanguye rukangurirwa ubutumwa bwo kwiyunga no gufatanya kugira ngo bikure mu bibazo byari bibugarije by'imibanire itari myiza no kwishishanya. Urubyiruko rwashyize hamwe imbaraga rwubakirana amacumbi rukomeza no guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge ku buryo byageze no mu babyeyi babo.

Musenyeri agira ibikorwa bihuriza hamwe abana, ababyeyi babo n'urubyiruko bagakangurirwa gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge. Yabaye uwa mbere watangije gahunda yo gusura abagororwa mu magereza abashishikariza gusaba imbabazi no kwihana. Mu bihe by'abacengezi mu Turere twa Rulindo na Burera, yashatse inkunga zitabara abaturage. Kubera kugira uruhare mu bumwe n'ubwiyunge, yahawe igihembo na NURC muri 2006 kandi yabaye Musenyeri wa mbere wayoboye Komisiyo y'ubutabera n'amahoro ya Kiriziya Gatorika mu Rwanda nk'umuntu urangwa n'ibikorwa byimakaza amahoro. Yakomeje guteza imbere gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

### **3. NTAMFURAYISHYARI Silas**

Yavutse : 1969

Se : NDAYAHOZE Mathias

Nyina : UZAMUKUNDA Daphrose

Akarere : Bugesera

Umurenge : Rilima

Akagari : Nyabagendwa

#### **Ibikorwa byamuranze**

Yari umusirikare i Gako mu 1990 ; yitandukanyije n'umugambi wo kwica Abatutsi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi ahungishiriza abagera kuri 18 i Burundi aho na we yaje guhungira atangiye guhigwa. Yakomeje kugira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge.

Kubera ihohoterwa yari yarabonye rikorerwa umukobwa w'Umututsi muri 1982 biganaga ku kigo, ageze ku myaka 18 yafashe indangamuntu yandikisha ko ari umututsi kugira ngo azahangane n'uzamuhoterwa kuko yumvaga amaze kugira imbaraga. Yaje kujya mu gisirikare benewabo bamaze guhamya ko ari umuhutu kuko bahereye ku ndangamuntu bari bamwangiye.

Nk'umusirikare woherezwa kurinda aho abantu bahungiye (i Rilima 1992) yasabwe n'uwaru Konseye ko yamufasha kwica abahungu ariengagiza kugeza croix rouge ihageze.

Muri 1994 yaherekeje abantu bagera kuri 18 abarinze abageza i Burundi. Agarutse yasanze bamenye ibyo akora, batanze amabwiriza yo kumwica ariko arabacika ahungira i Burundi aho yavuye ajya mu gisirikare cya RPA. Yavuye mu gisirikare mu 1998. Nyuma yakoze ibikorwa bitandukanye birimo gushikariza abantu ubumwe n'ubwiyunge no kwitabira gahunda za Leta.

#### **4. HABUMUGISHA Aaron**

Yavutse mu 1976

Se : NDEKEZI Pierre

Nyina : NYIRABUYENZI Veriya

Akarere : Gakenke

Umurenge : Ruli

Akagari : Busoro

Umudugudu : Kibirizi.

#### **Ibikorwa byamuranze**

Yitandukanije n'ibikorwa bya Jenocide yakorerwaga Abatutsi mu 1994 afite imyaka 18 bituma abihishe muri serire yari atuyemo barokoka kandi akomeje gufatanya n'abaturage kwikemurira ibibazo by'imibereho n'imibanire abicishije mu mashyirahamwe.

Mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi yari umusore ufite imyaka 18, yari Umunyamabanga wa Serire Kibirizi 1993-1996. By'umwihariko yari ashinzwe nyumbakumi 4 muri Nyubakumi 10 zari zigize Serire. Kuko yari umwana wa Konseye wari ukunzwe mu murenge (Nkara), akaba n'umukinnyi w'umupira w'amaguru wasabanaga n'urubyiruko yarushaga ingufu umuyobozi wa Serire yose agasa nkaho ariwe uuyiyobora. Yaharaniye ko nta gitero kinjira muri Serire ku buryo Abatutsi bayihishemo bese bararokotse. Ibanga yakoresheje ryari gukangurira abaturage ba seriri kutitabira ubwicanyi, guhisha bagenzi babo no gutara amakuru ku bitero byaturukaga ahandi akaburira abahigwaga n'abaturage muri rusange.

Yashinze club ihuza abacite ku icumu n'abataracitse ku icumu yitwa "MFITURUHARE" ifite intego yo gukangurira abarigize (12) n'abandi baturage gufatanya mu kwikemurira ibibazo, guhuza abacitse ku icumu n'ababashuye no gutanga amakuru ku basahuye no kwishyura imitungo yasahuwe. Ibi byakuyeho urwikekwe n'ubwoba byari hagati yabo biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Yifashisha club z'abana bagera kuri 20 bakora ibihangano bivuga ku bibazo byo mu ngo bigatuma abafite ibibazo bikosora. Ingo zafashijwe gucyemura ibibazo byazo nazo zifasha izindi.

#### **5. MUDENGE Boniface**

Yavutse : 1957

Se: HITIMANA Marc

Nyina : NYIRANJWIRI Marie

Akarere : Rubavu

Umurenge : Bugeshi

Akagari : Nyabagendwa

### **Ibikorwa byamuranze**

Muri 1995, yahuje abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi abakangurira kutihimura, ahumuriza abavandimwe b'abari baramuhemukiye abatuma aho bari mu Nkambi (Zaire) barataha. Yashinze ishyirahamwe INYENYERI ryafashije gukemura ibibazo byari bishingiye ku mitungo yasahuwe mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Bugeshi rikangurira abantu gusabana imbabazi no kuzitanga. Ibi byaje kvanaho urwikekwe mu baturage nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi n'ibitero by'abacengezi.

Ni umukemurampaka wizewe n'abaturage ku buryo ibikorwa by'ishyirahamwe n'ibye bwite n'ubwo kubitandukanya bigoranye bituma abaturage bose b'aho rikorera no mu nkengero zaho bumva ishyirahamwe ari iryabo kuko ibikorwa byaryo bibakangurira amahoro, ubumwe n'ubwiyunge ntawe bidafitiye akamaro. Igihembo ryahawe na Unity club abaturage bo mu Mirenge wa Bugeshi, Busasamana, Mudende na Cyanzarwe bumva ari icyabo bose. Mu gihe cy'abacengezi yavuye imitima ya benshi arabakomeza, abashishikariza kwitandukanya n'ikibi no kutifatanya n'abacengezi hagamijwe ko batabacamo icyuho. Muri iki gihe atanga inama mu baturage zo gukora no kwiteza imbere.

### **6. UWEMEYIMANA Aloys**

Yavutse : 1962

Se : MINANI Jean

Nyina : UZAMUKUNDA Mélanie

Akarere : Rusizi

Umurenge : Nzahaha

### **Ibikorwa byamuranze**

Mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi mu 1994, yahungishirije abahigwaga muri Kongo (Zaire) agatanga amafaranga yo kubambutsa. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi, yabaye Perezida w'Abafashamyumvire mu gikorwa cyo kwirega no kwemera icyaha, gusaba imbabazi no kubabarirana hagati y'abishe n'abiciwe hagamijwe kwiyunga no gukira ibikomere.

Yahungishije Abatutsi bahigwaga 119 abajyana muri Kongo (Zaire), kandi agatanga amafaranga yo kubambutsa. Kubera ubunyangamugayo bwe yatorewe kuba Perezida w'abafashamyumvire ku bireze bakemera icyaha muri Paroisse ya Mushaka akaba yari no muri komite y'abunzi. Nka Perezida w'Abafasha myumvire muri gahunda y'ubumwe n'ubwiyunge, yakanguriye abagize uruhare muri Jenocide yakorewe Abatutsi kwemera icyaha no gusaba imbabazi n'abiciwe kubabarira muri gahunda yo gukira ibikomere byatowe na Jenocide yakorewe Abatutsi muri Paruwasi ya Mushaka. Abo yahungishije bakanarokoka, ubu bamushimira icyo gikorwa cy'indashyikirwa kandi kifashishwa nk'urugero mu Murenge mu buryo by'imibanire

myiza y'abaturage. N'ubwo afitanye isano na bamwe basebya Igihugu ntiyigeze yifatanya nabo ahubwo akomeje gukangurira abaturage ubumwe n'ubwiyunge no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide by'umwihariko.

## **7. Padiri RUGIRANGOGA Ubald**

Yavutse : 1955

Se : KABERA Jacques

Nyina : MUKARUHAMYA Anysie

Akarere : Rusizi

### **Ibikorwa byamuranze**

Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi, yatangije gahunda y'isanamitima n'Ubwiyunge muri Paroisse Mushaka yeze imbuto hirya no hino mu yandi ma Paruwasi; yahuje abishe n'abiciwe hagamijwe komorana ibikomere no kubikira no kwiyunga n'Imana; yahuje abagombaga kurangirizwa imanza z'imitungo kugira ngo imitungo yishyurwe mu mahoro, kandi abigishijwe bose bagahurizwa mu matsinda y'ubufatanye.

Gahunda yo guhuza abiciwe n'abishe hagamijwe komorana ibikomere no kubikira yatangije muri Paroisse ya Mushaka (Imirenge ya Gashonga, Nzahaha na Rwimbogo) yeze imbuto nyinshi mu baturage bagize iyo Mirenge ndetse irarenga igera no mu zindi Paruwasi zirimo Ntendezi, Mashyuza, Shangi, Nkanka, i Mugombwa muri Diyosezi ya Butare n'ahandi. Yasabye abishe mu bo yakurikiranaga muri Paruwasi ya Mushaka kutiherera mu ntebe ya Penetensiya, ko ahubwo bagomba kugaragaza ibyo bakoze mu ruhame bakabona gukomorerwa amasakaramentu bakanababarirwa.

Yagiye ajya no muri Gereza ya Cyangugu kwigisha kwirega no kwemera icyaha kandi ibi bikaba byaratumye abagiye bafungurwa babitangira ubuhamyu bujyanye no kubohoka, kongera kwiyunga n'Imana n'abaturage. Yafashije kandi mu bikorwa byo kurangiza imanza z'imitungo nyuma ya Gacaca, ahuza abagomba kurangirizwa izo manza kugira ngo imitungo yishyurwe ndetse abatabishoboye bagasonerwa n'abangirijwe imitungo. Umusaruro w'iyi gahunda n'uko abayitabiriye batsinze urwikekwe bakibona nk'Abanyarwanda kugeza ubwo bamwe mu bakomoka mu miryango yari yarahemukiranye ishyingirana, indi ikabyarana abana muri Batisimu, ndetse ikanahana inka.

## **8. Père URBANIK Stanislas**

Ni Umupadiri w'umunya Pologne wo mu muryango w'Abapalotini

Yageze mu Rwanda mu mwaka wa 1992, Aba muri Paruwasi ya Ruhango

## **Ibikorwa byamuranze**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi Padiri yagize uruhare mu kurokora abantu bagera kuri 600 bamuhungiyeho yanga ku basiga ngo atahere ubwo abandi banyamahanga bakuragamo akabo karengye, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yashyizeho gahunda yo gufasha abantu gukira ibikomere no kwiyunga.

Mu 1992 yatangiye ivugabutumwa rivuguruye rikangurira abantu kubana mu rukundo amahoro n'ubworoherane abinyujije mu ba « charismatique ». Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagize uruhare rwo guhisha abagera kuri 600 bari bahungiyeho kuri Paruwasi ya Ruhango abifashijwemo na bamwe mu bo yari yarigishije.

By'umwihariko yarwanye kuri Padiri mugenzi we (Padiri NKUSI), ubwo interahamwe zazaga kumwica, Padiri Stanislas yamufashe mu maboko abwira interahamwe ko mbere yo kumwica ariwe bica mbere. (Source: Kabera Casien warokokeye mu Ruhango). Padiri Stanislas yanze kandi gutaha mu gihe byari bikomeye avuga ko atazasiga intama ze. Ibi yabibwiye Padiri Vetto wari uje kumukangurira gutaha undi amubwiye ko adashobora gusiga intama ze nawe yahinduye igitekerezo ntiyaba agitashye. Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi kubera ko we yumvaga icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi ari icyaha ndenga kamere gifite ingaruka ku muryango w'abantu bose (dimension communautaire) yahagaritse amasakaramentu ku bakristu bose basabwa kubanza gukurikira inyigisho z'amezi atatu bigishwa gusaba imbabazi, kubabarira no kubana mu mahoro.

Abinyujije muri centre yitwaga *Urugo rwa Yezu Nyirimpuhwe*, nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yakomeje kugira uruhare rukomeye rwo gukangurira abakirisitu kuvugurura ubukirisitu bwabo anabakangurira komorana ibikomere byatewe na Jenoside yakorewe Abatutsi. Avuga ko indangagaciro zamufashishe muri iki gikorwa ari ubukirisitu buhamye n'urukundo yatojwe mu muryango avuga kandi ko Nyirakuru nawe yagize uruhare mu guhisha Abayahudi mu gihe cya Jenoside yakorewe.

### **9. MPANKIRIHO Frédéric (+)**

Se : RUNANIRABAGABO

Nyina: Bernadette

Umurenge : Cyabakamyi

Akagari : Nyarurama



### **Ibikorwa byamuranze**

Yahishe abamuhungiyeho mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, yagerageje kubarwanaho atanga amatungo n'amafaranga, ariko abicanyi babirengaho bamwicana n'umugore we n'abamuhungiyeho bose.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yahungiyeho n'abantu batandukanye bahigwaga agerageza. Kugurira interahamwe aziha inka n'amafaranga kugira ngo zitica abamuhungiyeho ariko biba iby'ubusa. Igitero kije kwica abo yari ahishe we yari aragiye, abana bagiye kumuburira ngo acike ariko avuga ko adashobora gutererana abamuhungiyeho. Yagarutse mu rugo yinginga interahamwe aziha amafaranga n'inka ariko bararenga baramwica hamwe n'abo yari ahishe bose uretse bake babashije gucika bararokoka.

#### **10. KABERA Callixte (+)**

Yavutse mu 1956

Se : SIBOMANA Charles

Nyina : NYIRABAKUMBYI Thérèse

Akarere : Nyanza

Umurenge : Ntyazo

Akagari : Bugali

### **Ibikorwa byamuranze**

Yabaye umusirikare wa Ex FAR, yaratotejwe kugeza yirukanwe mu gisirikari yitwa ko ari icyitso cy'Inkotanyi. Imbunda yahawe nk'uwahoze mu gisirikare ngo afashe abandi gukora Jenoside yakorewe Abatutsi, yayifashishije kurinda Abatutsi abamuhungiyeho abaturanyi be. Yaje kwicwa, interahamwe zibona uko bica abo yarwanyeho igihe kirekire. Yabaye umusirikare wa Ex-FAR kuva 1987, afite ipeti rya sergent. Mu buzima bwa gisirikare yaratotejwe azira kuba yari afite isura y'Abatutsi akaba yaranavukaga i Butare. Ibyo byatumye ahora yimurwa mu bigo bya gisirikare bitandukanye (KANOMBE-KIBUYE-Gabiro-Gisenyi). Urugamba rwo kubohora Igihugu rutangiye yafunzwe imyaka ibiri azira kuba icyitso cy'inkotanyi (yafunzwe kuva ku wa 6/10/1990). Afunguwe yahise ava mu gisirikare asubira iwabo i Ntyazo ari umuturage ukunzwe ubana neza n'abantu bose. Yaje kuba umushoferi wa Komini Ntyazo. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yahawe imbunda nk'uwahoze mu gisirikare ngo afashe mu kwica Abatutsi ayifashisha kurinda Abatutsi bari bahungiyeho iwe n'abandi baturanye.

Kubera gukundwa n'abaturage batinye kumwicira aho yari atuye bamushuka ko bamujyanye mu nama i Nyanza bamutsinda mu nzira babona kuza kwica abo yahishe n'abo yarwanagaho. Abaturage b'aho yari atuye bazirikana cyane iki gikorwa umuryango we uhabwa ubufasha na FARG kandi umugore yasize ari mu buyobozi bw'umuryango AVEGA mu murenge batuyemo.

Indangagaciro zaranze uyu mugabo n'umugore yarazikurikije kuko yahawe n'igihembo cya Marayika Murinzi n'Imbuto Foundation.

### 11. **Padiri Eros Borille**

Umupadiri w'umutaliyani wo mu muryango w'Aba Rogationiste yabaye i NYANZA akuriye Orphernat St Antoine ubutumwa bwe mu Rwanda yabusoje mu mwaka wa 2014.

#### **Ibikorwa byamuranze**

Yabashije kurokora abahigwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi bagera kuri 800 biganjemo abana. Yanze gusiga aba bana no mu gihe yari arwaye arembye Igihugu cye kimusaba gutaha. Kugeza ubwo bemeye kohereza usigara yita ku bana yari ashinzwe. Na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yakomeje kwita kuri aba bana nk'umubyeyi wabo. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, yifashishije orphanat yayoboraga, yarakoye abantu barenga 800 biganjemo abana bahahungishirizwaga n'ababyeyi babo. Mu gihe abandi banyamahanga batahaga Jenoside yakorewe Abatutsi irimbanyije nawe yashakiwe uburyo ngo atahe ariko we yanze gusiga abicwaga avuga ko azabanambaho byaba ngombwa akazapfana nabo. Yakoreshaga uburyo bwinshi, aho yafataga abakobwa bamuhungiyeho akabogosha imisatsi akavuga ko ari ababikira bari mu myiteguro yo kwiha Imana, abana akabahindura amazina, interahamwe zaza kumusaba liste y'abahari akabaha amazina ya bamwe mu bana bahavuye abicanyi bakabura abo bashakaga bakarokoka batyo.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi yakoze ibikorwa byinshi byo kubitaho, birimo kubarihira amashuri, kububakira no kubakorera ubukwe ku bashyingiwe. Ibi byatumye iwabo mu Butaliyani ibikorwa yakoze abiharerwa ishimwe. *Ubutumwa bwe mu Rwanda bwarangiye mu mwaka wa 2014.*

### 12. **Padiri Masinzo Jerome**

Yavukiye i Kaduha ku wa 30 Nzeli 1963

Se : MASINZO Paulin

Nyina : MUKARUMONGI Thérèse

Akarere : HUYE

Umurenge : MBAZI

#### **Ibikorwa byamuranze**

Yafashije abapfakazi ba Jenoside yakorewe Abatutsi bo mu murenge wa Karama kwiyakira, kongera kwigiramo icyizere cyo kubaho, yabafashije kwegerana n'abagore bafite abagabo bafunze bakorera hamwe biteza imbere bakora Ishyirahamwe *Ubutwari bwo kubaho ubu rikorere* mu Turere twa Huye na Nyaruguru. N'ubwo yabuze abavandimwe muri Jenoside

yakorewe Abatutsi ntiyaheeranwe n'agahinda agerageza kuremamo icyizere cy'ubuzima abapfakazi yari asanze mu Murenge wa Karama abereka ko n'ubwo igicaniro cyazimye hari ubwo ikara rimwe ryakongera kwatsa umuriro.

Yabatoje gushakisha icyiza na gito baba bibuka babonye mu bihe bikomeye bakacyubakiraho maze buhoro buhoro abagarura ibuntu biciye mu kubatega amatwi, kubafasha gukura ibikomere byo ku mutima ari nako abifatanya no kubashakira imibereho kuri bo n'abana babo. Yakoze ubuvugizi abasha kubabonera amacumbi, ibyo kurya no kwambara no kurihira abana amashuri mbere y'uko inkunga zigenerwa abacitse ku icumu ziboneka. Abagore bari bafite abagabo bafunze nabo baramwegereye bamusaba kubafasha kwiyakira no kwegerana na bagenzi babo barokotse Jenocide yakorewe Abatutsi, nabo yarabakiriye arabafasha arabahuzira. Yagaragaje ubushishozi n'ubutwari kuko ibi byatangiye mu bihe byari bitoroshye kuvuga ubwiyunge abantu bagikomereye cyane (Kanama 1994).

Bamaze kugera ku mubare munini (1800) bashyizwe mu matsinda, abayobozi b'amatsinda bahugurirwa gufasha abandi ibi byatumye igikorwa bakigira icyabo. Hakoreshwaga uburyo bwo gukiza ibikomere by'umutima ariko no kubafasha mu buryo bw'imibereho (rehabilitation psychique et physique). Ibi bikorwa nibyo byabyaye ishyirahamwe **“Ubutwari bwo kubaho”** rikaba kugeza ubu rifite ibikorwa byivugira mu Turere twa Huye na Nyaruguru. Hari ibindi bikorwa byinshi uyu mupadiri yakoze byo gufasha abantu kongera kwiyubaka nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi ndetse n'ubu aracyabikomeza ariko yemeza ko ibi yabikoze yuzuzira inshingano z'ubutumwa bwa gipadiri. Igikorwa yakoze i Karama nicyo yumva ari umwihariko we.

### **13. Padiri MARIUS DION**

Atuye mu Karere ka Gasabo/Umurenge wa Kacyiru/Akagari ka Kamatamu  
Yahishe abantu mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi akabagaburira, akanabavuzira. Yanze gusiga Abanyarwanda bari mu kaga mu gihe abandi banyamahanga bari kumwe bacyurwaga.

#### **Ibikorwa byamuranze**

Yahishe abantu mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi akabagaburira, akanabavuzira. Yahoraga ahanganye n'Interahamwe zashakaga kwinjira mu kigo akazemeza ko ntabantu bahari ubundi akaziha amafaranga. Zikagenda. Ubwo ingabo za RPA zafataga Kacyiru, abantu basaga 30 bahungiyeyo. Ku itariki ya 11/04/1994 nibwo ingabo za RPA zabakuye mu kigo zibajyana mu bitaro by'Umwami Faysal (Yaremeye kuko nta byo kubatunga yari agifite). Nyuma yakomeje gufasha abakene n'imfubyi abagoboka mu byo kurya n'imyambaro.

#### **14. MUNYAKAZI Ramadhani (+)**

Se : KAMONYO Léonidas

Nyina : MUKAMUREFU Elvania

Akarere : Gasabo

Umurenge : Gikomero

Akagari : Kibara

Umudugudu : Nombe

#### **Ibikorwa byamuranze**

Yambukije abahigwaga abajyana hakurya ya Muhazi mu cyahoze ari Komini Giti, agakurikirana n'ubuzima bwabo kugeza ubwo interahamwe zibimwiciye. Yambukije abahigwaga abajyana hakurya ya Muhazi mu cyahoze ari Komini Giti, agakurikirana n'ubuzima bwabo kugeza ubwo interahamwe zibimujijije. Yishwe ubwo yari avuye kwambutsa ikindi cyiciro aje gufata abandi nyuma yo kugambanirwa na murumuna we wari interahamwe. Atangirwa ubuhamya ko nta muntu n'umwe yishyuje muri cyo gikorwa kandi ko yagaragaje ibikorwa bw'ubutwari n'ubwitange budasanzwe aranabizira.

#### **15. UWAMAHORO Grâce**

Yavutse mu 1981

Se : Vianney Jean Bosco

Nyina : KAMPIRE Léocadie.

Akarere : Nyarugenge

Umurenge : Nyamirambo

Akagari : Rugarama

Umudugudu : Kiberinka

#### **Ibikorwa byamuranze**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi ari mu kigero cy'imyaka 11 y'amavuko, yahunganye umwana w'uruhinja yasanze rwonka nyina wari intere amaze gutemagurwa. Yakomeje ku mwitaho uko abishoboye n'ubwo yatotezwaga kubera we. Ubu uwo mwana yarakuze yiga mu mwaka wa Gatandatu w'amashuri yisumbuye.

Mu gihe bari mu nzira bahunga we n'ababyeyi be, yabonye umubyeyi watemaguwe amurembuza, amwegereye asanga afite akana gatoya kariho konka amaraso nibwo uwo mubyeyi yasabye Grace ku kamufatira aho azagwa kakagwaho. Grace yaragatwaye, ariko abo mu muryango we ntababyishimira ndetse akanatotezwa bamubaza aho ajyana iyo nyenzi.

Yaramuhunganye kugera muri Zaire. Igihe cyo guhunguka kigeze, yaramuhungukanye ariko akomeza gutotezwa, ari nako yari mu buzima butoroshye bw'ubukene. Yaje guhitamo gucuruza agataro kugira ngo abone ibitunga n'ibygisha uwo mwana. Uwo mwana yarakuze ariga agera mu mashuri yisumbuye mu biruhuko ataha kwa Grace.

## **16. MUREBWAYIRE Joséphine**

Yavutse mu 1952

Se : MUTABARUKA Tharcisse

Nyina : BUSANI Thérèse

Akarere : Gasabo

Umurenge : Kimironko

Akagari : Nyagatovu

### **Ibikorwa byamuranze**

Muri Mata 1994, yiciwe umugabo n'abana 6 nawe bamusiga baziko yapfuye. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi ntiyaheheranwe n'ibyamubayeho ahubwo yagerageje kwiyubaka anafasha abandi bahuye n'akaga nka ke kwiyubaka no kudaherana n'agahinda. Akomeje kubera Abanyarwanda batandukanye urugero rw'ubumwe n'ubwiyunge.

Muri Mata 1994, Josephine n'umuryango we bahungiyeye mu i Seminari ya Ndera aho umugabo we n'abana 6 biciwe nawe bamusiga baziko yapfuye. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi ntiyaheheranwe n'ibyamubayeho ahubwo agerageza kwiyubaka anafasha abandi bahuye n'akaga nka ke abakangurira kwishyira hamwe akanabagira inama (counseling). Yareze abana b'impfubyi 6 akaba amaze gushyingira batatu abandi bakaba bakiga. Muri 2012 yatangiye ishyirahamwe ry'Incike ryitwa "HUMURA NTURI WENYINE" ryaje kubyara Ihuriro ku rwego rw'Igihugu ryitwa "TUBARERE NK'UKO BATUREZE". Josephine atanga ibiganiro bigamije kubanisha Abanyarwanda akanafasha gukemura amakimbirane mu miryango aho atuye.

## **17. MUTEZINTARE GISIMBA Damas**

Yavutse mu 1961

Se : GISIMBA Pierre Chrysologue

Nyina : MUKAMANZI Dancille

Akarere : Nyarugenge

Umurenge : Rwezamenyo

Akagari : Kabuguru 2

Umudugudu : Buhoro

## **Ibikorwa byamuranze**

Muri Jenocide yakorewe Abatutsi yahishaga abamuhungiragaho mu mfubyi yareraga. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi yakomeje kwakira impfubyi no kuzirihira amashuri, yakomeje no kubabera umubyeyi. Muri Jenocide yakorewe Abatutsi abantu bahungiyeye kwa Gisimba yabahashe mu mfubyi zari zihari. Byageze ubwo bashakira kumwicisha bavugaga ko abitse inyenzi, ariko agenda arusimbuka bitewe n'ibikorwa bya byiza yagiye akorera abantu barimo n'abo bicanaga. Mu kigo cy'abakobwa abasaga 400. Nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi yakomeje kwakira impfubyi, kuzirihira amashuri ndetse n'ubuhamwe yarabashyinye, barasurana, niwe wakomeje kubabera umubyeyi n'iyi babyaye arabahemba.

Hari gahunda ya "after school" ihuza abana bose batariye ikigo cyo kwa Gisimba bagasoma ibitabo, bakidagadurira, bakigira muzika, kubyina n'ibindi nta kiguzi. Ibi bifasha kurinda abana kujya mu muhanda nyuma y'amasomo. Ubuyobozi buramwiyambaza mu kwigisha ubumwe n'ubwiyunge.

### **2.1.1.2. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Turere**

Bimaze kugaragara ko gahunda ya Ndi Umunyarwanda ifite uruhare runini mu guhindura imyumvire n'imiterekereze ya bamwe, gahunda ya Ndi Umunyarwanda yashyizwe mu mihigo y'Uturere. Ubumwe n'ubwiyunge ni umusingi gahunda zindi zubakiraho, niyo mpamvu nta majyambere n'iterambere Igihugu cyageraho kidafite ubumwe n'ubwiyunge. Ni muri urwo rwego ibi biganirwa byashyizwe mu igenabikorwa, hahugurwa abayobozi ku rwego rw'Imidugudu, mu Tugari, mu Mirenge no mu Karere mu byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda.

### **Intego y'ibiganirwa bya Ndi Umunyarwanda**

Ibiganirwa bya Ndi Umunyarwanda bigamije guhindura imibereho y'abaturage guteza imbere imibanire n'ubusabane by'Abanyarwanda, guharanira agaciro k'ubunyarwanda, kwigirira icyizere no kubumbatira ibyagezweho.

### **Umusaruro wavuyemo**

- Ahenshi muri ibi biganirwa usanga abaturage babyishimiye, bishimiye gahunda ya Ndi Umunyarwanda bashishikajwe no kumva neza amateka yaranze u Rwanda mbere na nyuma y'abakoloni n'aho u Rwanda rugeze rwiyubakira;
- Abitabiriye ibiganirwa bakiriye umurongo ngenderwaho wo kwimakaza umuco w'ibiganirwa mu guteza imbere Ndi Umunyarwanda no kuwugira uwabo;
- Ibiganirwa byabaye umuti w'urwicyekwe no kwishishanya, bifasha komora ibikomere Abanyarwanda batewe n'amateka mabi yaranze Igihugu;

- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda yafashije Abanyarwanda kugira ishema ryo kuba ari Abanyarwanda bikabasumbira andi masano ayo ariyo yose.

### **Ibyifuzo ku bahawe ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda**

- Gahunda ya Ndi Umunyarwanda basanze ikwiye kugezwa mu byiciro by'abaturage bitandukanye nk'abayoboke b'amadini, abanyeshuri ku mashuri yabo, abaturage mu miganda n'inama bahuriyemo, mu mugoroba w'Ababyeyi, mu nteko z'abaturage, mu miryango y'ingobyi, mu mashyirahamwe n'amakoperative;
- Urubyiruko rukwiye kuganirizwa kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda cyane kugira ngo rurindwe kwangirika, abakuru banywe umuti wa Ndi Umunyarwanda kugira ngo bakire ibikomere batewe n'amateka;
- Bifuje ko gahunda ya Ndi Umunyarwanda yakomeza kandi igahabwa izindi mbaraga;
- Hifujwe ko gahunda Ndi Umunyarwanda bayigira iyabo, bakagira uruhare rufatika mu kuyikwirakwiza hose mu byiciro bitandukanye by'abaturage bahagarariye.

### **Imbogamizi zagaragajwe**

- Kuba hakiri imibiri y'abantu bazize Jenocide yakorewe Abatutsi itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro;
- Kuba hari bamwe mu Banyarwanda barimo n'urubyiruko cyane cyane baba mu mahanga batarumva neza gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Kuba hakiri abasahuye n'abangije imitungo y'abandi muri Jenocide yakorewe Abatutsi batarishyura.

#### **2.1.1.3. Guhugura abashinzwe uburezi, urubyiruko, Abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge ku Karere**

Ku itariki ya 9-11/3/2016, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yateguye amahugurwa yabereye muri Centre d'Accueil Saint-André i Kabgayi, mu Karere ka Muhanga yitabirwa n'abakozi 84. Ayo mahugurwa yari agamije muri rusange kugira imyumvire imwe ku itangwa ry'ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda hifashishwa inyoborabiganiro. Iyo nyoborabiganiro ikazifashishwa n'abazahugura abandi mu Turere. Ayo mahugurwa akaba yarahuje abakozi bo mu Turere bashinzwe uburezi, abakozi bashinzwe gahunda z'ubukangurambaga hamwe n'abashinzwe urubyiruko.



*Ibiganiro mu matsinda*

**Icyo yari agamije :**

1. Kongerera ubumenyi abashinzwe kuzahugura abandi muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu nzego z'urubyiruko, mu bigo by'amashuri n'abayobozi bari mu nzego z'ibanze;
2. Kubaka ubufatanye hagati ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'abashinzwe guteza imbere ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge mu nzego z'ibanze;
3. Kungurana ibitekerezo ku mikorere n'imikoranire n'uburyo bwo gutanga raporo.



## Imigendekere y'amahugurwa



*Bwana NDAYISABA Fidèle, E.S/NURC afungura ku mugaragaro amahugurwa*

### Ibiganiro byatanzwe:

- Gusobanukirwa ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda
- Gusobanukirwa uruhare rwabo mu kugena gahunda z'ibikorwa bishimangira Ubumwe n'Ubwiyunge
- Kumenya, kwirinda no kwamagana ibitera amacakubiri n'inzangano mu Banyarwanda.

### Imyanzuro yafashwe:

- Kongera ingufu mu bukangurambaga kuri Ndi Umunyarwanda mu byiciro bitandukanye, gutegura neza no kwizihiza icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge no kongera imfashanyigisho ku bumwe n'ubwiyunge na Ndi Umunyarwanda by'umwihariko;
- Guhugura inzego z'urubyiruko zatowe, amakoperative n'amashyirahamwe y'urubyiruko no kongera umubare w'abatoza kuri Ndi Umunyarwanda, guhugura Abayobozi b'ibigo by'amashuri n'abarimu no guhugura inzego z'ibanze zatowe kuva ku Mudugudu kugera ku Karere ku bumwe n'ubwiyunge na Ndi Umunyarwanda;

- Guhugura abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ku rwego rw'Uturere n'Imirenge, kunoza imikorere n'imikoranire n'Uturere no gufatanya n'Abarinzi b'Igihango mu bukangurambaga no gukomeza ubufatanye n'abahoze ari abayobozi mu nzego z'ibanze;
- Gukurikirana imikorere y'amahuriro y'ubumwe n'ubwiyunge mu mashuri (Clubs) no gutegura imihigo y'ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge ;
- Abakozi bashinzwe Itorero n'ubukangurambaga mu Turere bazajya bahuza ibikorwa byo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge na gahunda ya Ndi Umunyarwanda.

### **Ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu zindi nzego**

Ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda byakozwe mu bigo bitandukanye bihuza abakozi babyo mu rwego rwo gukangurira Abanyarwanda kwiyumvamo ubunyarwanda, guharanira kubaka Igihugu kizira amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.

#### **2.1.1.4. Ibiganiro mu rubyiruko rw'imitwe ya politiki**

Ku itariki ya 13/05/2016, ku Kacyiru ku cyicaro cy'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, habereye ikiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu rwego rwo gusobanurira urubyiruko rugize imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda gahunda ya Ndi Umunyarwanda nk'umurongo uhamye Igihugu cyiyemeje gukoresha mu kubanisha Abanyarwanda basangira amateka yabo, bomorana ibikomere byatewe n'amateka y'u Rwanda. Ibyo biganiro byabereye no mu Ntara y'Iburasirazuba, bihuza urubyiruko rwibumbiye mu mitwe ya politiki ikorera muri iyo Ntara. Ibi biganiro byatanze na bamwe mu bagize Inama y'Abakomiseri.

#### **2.1.1.5. Gahunda ya Ndi Umunyarwanda muri Gereza ya GASABO**

Intego nyamukuru y'iyi gahunda yari iyo kunganira gahunda yo kugorora, hagamijwe kwimakaza indangagaciro z'Umunyarwanda ubereye Igihugu no gutegura abagororwa n'abafungwa kuzasubira mu buzima busanzwe. Ayo maguhurwa y'ibanze cyane cyane ku ngingo zikurikira :

- Amateka yo guseniyuka k'ubunyarwanda kuva mbere y'umwaduko w'abazungu, mu gihe cy'ubukoloni kugeza kuri Leta y'Abatabazi yanateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.
- Ingamba zafashwe na Leta y'Ubumwe mu rugamba rwo kongera kubaka ubunyarwanda kugeza uyu muni
- Ibisobanuro kuri Ndi Umunyarwanda, kwiyumvamo ubunyarwanda

Ku bufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Inteko Ishinga Amategeko, Prison Fellowship, ubuyobozi bw'Akarere ka Gasabo, Kiriziya Gaturika Paruwasi ya Remera, Ndera, ADEPR, EAR, Itorero-Inshuti, ibi biganiro byageze ku mfungwa n'abagororwa 2,308.

Nyuma y'ibiganiro bya Gahunda ya Ndi Umunyarwanda, abahuguwe basanze bakwiye kuba umusemburo w'impinduka nziza no gutangiza Club ya Ndi Umunyarwanda muri Gereza ya Gasabo.

Abahuguwe biyemeje ko:

- Mu rwego rwo kwita ku rubyiruko by'umwihariko, hashyizweho umunsi w'urubyiruko uhoraho buri cyumweru (ku wa mbere), aho baturira hamwe mu myidagaduro no mu nyigisho zitandukanye zibakangurira kwimakaza indangagaciro nyarwanda ;
- Hateguwe amarushanwa yitiriwe Ndi Umunyarwanda mu byiciro bikurikira: imikino irimo athletism, imbyino, imivugo, indirimbo, igisoro n'indi mikino.

#### ***Umusaruro w'iyi gahunda muri Gereza ya Gasabo:***

- Umusaruro wazweho binyuze mu nyigisho bahawe kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda, byatumye bahindura imyumvire, abagororwa bafata umwanzuro wo gusaba imbabazi byakozwe ku bufatanye bwa Club y'Ubumwe n'Ubwiye na Club Anti Genocide, abagororwa basaga 52 biyemeje guhuzwa n'imiryango bahemukiye bakayisaba imbabazi kandi bakagaragaza ukuri ku byabaye ;
- Iyi Gahunda y'ubukangurambaga (campaign) muri Gereza ya Gasabo kuri Ndi Umunyarwanda yahawe inyito ikurikira: ***“ISANO IDUHUJE IDUTEYE ISHEMA”***.

#### **2.1.1.6. Ibiganiro n'Abanyarwanda baba mu mahanga kuri Ndi Umunyarwanda**

Ku butumire bw'Ambasade y'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ifatanyije n'ihuriro ry'Abanyarwanda bahagarariye amadini n'amatorero, batumiye Komisiyo ihagararirwa na bamwe mu bagize Inama y'Abakomiseri ku itariki ya 1-7 Nzeri 2015. Intego y'iryo huriro yari “I will bless your descendants and build them into a great nation” nzabaha umugisha kandi urubyaro rwanyu nzarugira ishyamba rikomeye.

Iri huriro ryitabiriwe n'abantu bari hagati 150 na 200 baturutse mu majyaruguru ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, abayobozi b'amadini n'amatorero, abavugabutumwa n'Abakomiseri ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye na Ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu. Mu biganiro byabaranze, bashingiye ku nyigisho za bibiliya basabye abagize ihuriro ko bakwiriye kwiyambura umurage mubi w'amateka y'amacakubiri n'ingengabitekerezo z'urwagano byaroshye u Rwanda muri Jenocide yakorewe Abatutsi, bakimakaza ubumwe n'urukundo rwabasangiye inkomoko y'Igihugu n'isano y'ubukirisitu. Imwe mu myanzuro yavuyemo, n'uko biyemeje kuba abavugizi b'ibyiza by'u Rwanda no kurushaho gukorana n'abayobozi b'Igihugu.

## Ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda i PARIS na LYON

Itsinda ry'intumwa z'u Rwanda zirimo Umukomiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko bakoreye urugendo rw'akazi mu gihugu cy'Ubufaransa kuva ku itariki ya 03 Werurwe kugeza ku wa 07 Werurwe 2016, bagirana ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda mu Mujyi wa Paris byitabirwa n'Abanyarwanda n'inshuti z' u Rwanda bagera kuri 160, tariki ya 06 Werurwe, ibyo biganiro bikomereza mu Mujyi wa Lyon byitabirwa n'abasaga 100.



*Komiseri Padiri Consolateur ari mu biganiro mu Bufaransa*

Abitabiriyeye ibiganiro basobanuriye icyo Ndi Umunyarwanda ari cyo ko: ***“Ndi Umunyarwanda ni ukwiyumvamo Ubunyarwanda, ni ugutwara u Rwanda ku mutima, rukakubamo, ukarubamo urukunze, witeguye kururengera ku giciro icyo aricyo cyose. Isano-muzi ikaba igihango mufitanye”***.



*Bamwe mu bitabiriyi ibiganiro mu mujyi wa Paris*

Mu biganiro byatanzwe, izo ntumwa zibanze cyane ku bintu by'ingenzi byari byubatswe u Rwanda n'Abanyarwanda mbere y'umwaduko w'Abakoloni. Ko ibyo byaje kugira ingaruka mbi nyinshi mu mateka mabi yaranze Repubulika ya mbere n'iya kabiri, biza no kugera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 n'ingaruka zayo.



*Abitabiriyi inama bahabwa ikiganiro na Depite GATABAZI JMV*

## Imyanzuro - Ingamba

Abitabiriye ibiganiro bagaragaje ko gahunda ya Ndi Umunyarwanda ari ingirakamaro, kuko **“kuba Umunyarwanda atari umwambaro ahubwo ari ubuzima”** bityo bababazwa n’uko hari benshi bataje kandi yari gushobora kubagirira akamaro. Nyuma yo kumva ubuhamya no kungurana ibitekerezo, dore ibyo biyemeje:

- Kudakomeza kuba ingwate y’amateka mabi yahise kandi yabasigiye ibikomere, bahitamo kubaka amateka mashya;
- Kongera kugira ishema (fierté), ryo kwitwa Umunyarwanda cyane cyane ku rubyiruko, (kuko mbere kwitwa Umunyarwanda byateraga isoni kubera amateka mabi ya Jenoside yakorewe Abatutsi );
- Abanyarwanda baba mu Bufaransa biyemeje kugira iyi gahunda ya “Ndi Umunyarwanda” iyabo, no gufata “responsabilité”, bakayigisha abana babo;
- Gutera intambwe yo gusanga abatarumva neza iyo gahunda kuko basanga “Ndi Umunyarwanda” ariyo izakiza u Rwanda;
- Gukomeza urugendo batangiye rwo kubohoka no kuvurana ibikomere basigiwe n’amateka mabi bacyemo;
- Kwamaganira kure abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi no kwamagana impuha zivugwa kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda kuko biyumviye ukuri;
- Ambassade y’U Rwanda i Paris yiyemeje gukomeza iyo gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu Bufaransa, ikibanda cyane cyane ku rubyiruko. Cyane ko hari n’abana b’u Rwanda baje kurererwa mu Bufaransa bakiri bato, bakaba batazi inkomoko yabo.

## Ibyifuzo by’abitabiriye ibiganiro

- Abitabiriye ibiganiro bifuje ko Leta y’u Rwanda yakongera imbaraga nyinshi muri iyi gahunda ifitiye Igihugu akamaro;
- Ko Diaspora yakwitabwaho cyane mu bijyanye na gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Ko iyi gahunda ya Ndi Umunyarwanda yashyirwa mu mashuri ikigishwa nka “programme” ihamye kandi ihoraho;
- Abitabiriye ibiganiro basabye ari benshi ko bahabwa imfasha-nyigisho (matériel didactique) kuri Ndi Umunyarwanda kugira ngo bizajye biborohera kwigisha iyo gahunda;
- Abo mu yindi mijyi yo mu Bufaransa nka Bordeaux, Toulouse, Strasbourg.....nabo barahamagaye bifuzako iyo gahunda yabageraho;
- Abazungu b’Abafaransa bari baje nabo basabye ko bahabwa ikiganiro cyihariye ku mateka n’umuco nyarwanda.

### 2.1.1.7. Gutanga ibiganiro mu banyeshyuri baturutse mu mahanga

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yatanze ikiganiro ku nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge ku banyeshyuri baturutse muri Kaminuza ya United States International University bagera kuri 58 baturutse mu bihugu 10 aribyo; Kenya, Uganda, Tanzania, South Africa, Sierra-Leon, South Sudan, India, Ethiopia, Somalia, Nigeria na Rwanda. Abo banyeshyuri bose bigaga "International relations course" ariko cyane inyigisho zabo zibanda mu kubaka amahoro no gukemura amakimbirane, ububanyi n'amahanga hamwe n'amasomo y'iterambere rusange. icyari kigamijwe mu kuganirizwa ku kiganiro cy'inzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda ni uguhuza inyigisho ku banyeshyuri biga muri mu masomo asanzwe n'amasomo ngiro. Ingingo nkuru zaganiriweho n'izi zikurikira:

- Impamvu shingiro y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda;
- Igisobanuro cy'ubumwe n'ubwiyunge
- Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Ibipimo by'Ubumwe n'Ubwiyunge
- Amahame ngenderwaho mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge
- Uruhare rw'abahuguwe mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge
- Inzitizi zikigaragara



### 2.1.1.8. Itorero Indangamirwa VIII

Kuva ku itariki 5 Nyakanga kugeza ku wa 1 Kanama 2015, urubyiruko rw'Abanyarwanda rwiga cyangwa ruba mu mahanga bahuriye mu itorero i Gabiro mu Karere ka Gatsibo, NURC yitabiriye iyi gahunda inatanga ibiganiro muri iryo torero. Itorero INDANGAMIRWA VIII ry'uyu mwaka ryitabiriwe n'urubyiruko rwiga mu mahanga rugera ku 183.

Iki gikorwa ni ngaruka mwaka, cyatangiyeye mu mwaka wa 2008, kikaba ari igikorwa gikomeza kugira ngo aya mahirwe agere ku bana b'u Rwanda bose. Abitabiriye iri torero basoje biyemeje kubungabunga indangagaciro z'umuco nyarwanda aho baba mu mahanga, guhangana n'inkuru

zisebya u Rwanda, kugira uruhare muri gahunda z'Igihugu nka "One Dollar Campaign" na "Gahunda ya Ndi Umunyarwanda".



### 2.1.2. Iyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge

*Iyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge ni ngaruka mwaka.* Iyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge cyatanze umwanya mwiza wo gusuzuma intambwe igenda iterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, kwishimira ibimaze kugerwaho, gufata ingamba no kongera kwibutsa buri Munyarwanda uruhare rwe mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Mu 2007 mu nama nyunguranabitekerezo zateguraga politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge, nibwo Abanyarwanda basabye ko hashyirwaho icyi cyumweru ngarukamwaka cyazajya gitanga umwanya wo kuganira ku byagezweho mu bumwe n'ubwiyunge. Icyo cyumweru kikazajya kigira intego zikurikira:

- Guha Abanyarwanda urubuga rwo gusuzuma ibyo bagezeho mu bumwe n'ubwiyunge bakabyishimira no guha abaturage umwanya wo gukora ibikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;
- Kumurika ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge byagezweho n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo no gufata ingamba zo gukomeza urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge;
- Guharanira kuba mu gihugu kigendera ku mategeko, kubahiriza uburenganzira bwa muntu no kurwanya ivangura n'ihuzwa iryo ari ryo ryose, kwiha agaciro no gukunda umurimo;



- Komorana ibikomere no kubaka ubwizerane mu Banyarwanda bishingiye ku kwicuza, gusaba imbabazi no kuzitanga, kuvuga ukuri no kubaka icyizere cy'ejo hazaza;
- Kwibuka haharanirwa ko Jenoside itazongera kubaho ukundi.

### **Gutegura icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge**

Ku itariki ya 22 Ukwakira 2015 - Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yagiranye inama n'abakozi bashinzwe imiyoborere myiza, abashinzwe ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge n'itorero n'abahagarariye abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu Turere twose tw'Igihugu. Iyi nama yari igamije gutegura Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge kizizihizwa ku nshuro ya 8 guhera ku itariki ya 06-13/11/2015, ku nsanganyamatsiko igira iti: ***“Abarinzi b'Igihango mu Mujishi wa Ndi Umunyarwanda”***.

### **Ibikorwa byaranze icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge**

Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge cyaranzwe cyane n'ibikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge nko kumurika no gushimira abagize uruhare mu gukora ibikorwa by'indashyikirwa mu gihe kidasanzwe, ariko hariho n'ibindi bikorwa byagiye bikorwa hirya no hino mu gihugu harimo:

- Ibiganiro biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge
- Kurangiza imanza z'imitungo zaciwe n'inkiko Gacaca
- Amahugurwa ku byiciro bitandukanye
- Gusozza icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge

### **Ibiganiro biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge**

Hirya no hino mu gihugu mu cyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge hakozwe ibiganiro bigamije kurebera hamwe intambwe imaze guterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda, n'icyakorwa kugira ngo Abanyarwanda bakomeze kubana neza batahiriza umugozi umwe mu iterambere ry'Igihugu. Ibiganiro byibanze mu gutanga ubuhamya bugendanye n'urugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge aho batuye ndetse abaturage bagaragaje ko hakiri inzitizi kandi batanga n'inama z'uburyo gahunda ya Ndi Umunyarwanda yavugururwa kugira ngo irusheho gutanga umusaruro. Zimwe mu nzitizi zagaragajwe:

- Urwikekwe n'ipfunwe kuri bamwe bituma bakomeza kwiheza ntibagere aho abandi bari, haba mu nama cyangwa se mu biganiro;
- Agahinda kadashira kuri bamwe mu mfubyi n'abapfakazi, bitewe n'ikibazo cy'imibereho mibi;
- Kuba nta nyoborabiganiro zihagije kuri Ndi Umunyarwanda mu baturage ngo basobanukirwe neza ibiyikubiyemo;

- Kuba gahunda y'ibiganiro kuri Ndi Umunyarwanda iboneka gake cyangwa rimwe na rimwe mu baturage kandi abatanga ibiganiro baba badafite ubumenyi buhagije bwatuma abaturage bayisobanukirwa neza;
- Imanza zitararangizwa za Gacaca, n'indishyi zitaratangwa.

Muri rusange ubutumwa bwatanzwe bwerekezaga ku kubumbatira ubumwe no kugira urukundo hagati y'Abanyarwanda.



*Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge mu Murenge wa Kanzenze*



*Umuyobozi w'Akarere wungirije wa Rubavu ari kumwe n'umurinzi w'Igihango Mudenge Boniface*

### **Kurangiza imanza za Gacaca**

Muri gahunda zari ziteganyijwe mu cyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge hari harimo no kurangiza imanza za Gacaca zitarangijwe. Mu Karere ka Gisagara harangijwe imanza za Gacaca icyiciro 3 mu Mirenge itandukanye. Hari imanza 4488 harangizwa 726 hasigara 3762. Ubutumwa bwahatangiwe kwasabye ko abangije imitungo y'abandi muri Jenoside yakorewe Abatutsi bakwihutira kwegera abo bangirije imitungo bakabishyura bakabasaba n'imbabazi kugira ngo barusheho kubana neza batishishanya.

### **Guhugura ibyiciro bitandukanye**

Nkuko byari mu muhigo w'Akarere, Imirenge, Utugari no ku rwego rw'Umudugudu ko hagomba gutangwa ibiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda. Hatanzwe ibiganiro mu Mirenge hose ndetse no ku banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye ari muri iyo Mirenge. Ibiganiro byarashimwe ndetse nko mu mashuri abanyeshuri biyemeza gushinga club z'ubumwe n'ubwiyunge mu rwego rwo gushimangira indangagaciro y'ubunyarwanda.

## Gufasha no kuremera abatishoboye

Muri icyi cyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge, hirya no hino mu Ntara habaye ibikorwa byinshi, ibiganiro kuri NDI UMUNYARWANDA, amarushanwa y'imbyino n'imivugo, ikinamico, n'ubusabane. Kimwe na handi hose, hakoze igikorwa cyo kugabirana inka no gushimira abagize ibikorwa by'indashyikirwa. Urugero: umuturage witwa **Daniel RWAGIZENKANA** wo mu Karere ka Nyamasheke wagize uruhare mu kurokora *Abatutsi* bahigwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi akaba yarahawe *inka ya kijyambere* na **MUKAYIRANGA Spéciose** anamwimura mu manegeka aho yari atuye ari nawe wamugabiye inka mu ruhamwe, anamushimira ibyiza byose yabakoreye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi.



*MUKAYIRANGA Spéciose agabira inka Daniel RWAGIZENKANA*

## Gusozwa icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge

Mu butumwa bwatanze mu isozwa ryacyo, abayobozi bibutsaga abaturage ko ubumwe n'ubwiyunge ari ryo shingiro ry'amajyambere arambye banabashimira intambwe imaze guterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge. Abayobozi bakomeje bashishikariza abaturage kurangwa n'umuco w'ubutwari no gushyira ikiza imbere baharanira kuba indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge, banasabye ko abatoranyijwe nk'Abarinzi b'Igihango kutadohoka no gukomeza kubera abandi baturage urugero rwiza. Muri rusange icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge cyaranzwe n'ibikorwa bitandukanye ku rwego rw'Uturere n'Intara hanyuma bisozwa 13/11/2015.

Ibyo bikorwa byari ibi bikurikira :

- Gushimira no kugaragariza umuryango nyarwanda abantu abagize uruhare ntangarugero mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge;
- Gukomeza kumenyekanisha no gushimangira ibikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda b'ingeri zose;
- Gushishikariza Abanyarwanda kugira uruhare mu bikorwa by'indashyikirwa mu bumwe n'ubwiyunge;
- Kwishimira, kumenyekanisha no gusakaza ibimaze kugerwaho mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge ;
- Gukora ubukangurambaga n'isuzuma binyujijwe mu biganiro mu nzego zitandukanye kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Gukora umuganda w'ubumwe n'ubwiyunge no kuremera abatishoboye ;
- Gushishikariza n'Abanyarwanda baba mu mahanga kwitabira iki gikorwa bahura ubwabo mu makomite yabo n'Ambassade bakaganira bagaragaza ibimaze kugerwaho, inzitizi n'ingamba zo kuzikemura.

### **Imikino n'ibihangano byifashishijwe**

Ibikorwa by'ubukangurambaga byakozwe binyuze mu mikino n'ibihangano byakozwe ku bufatanye n'abafatanyabikorwa. Mu itorero AEER hakozwe amarushanwa mu bigo bikorana nayo by'abanyeshuri. Ayo amarushanwa akaba yaribanze ku gukina ikinamico. Umuryango CARSA na wo mu bikorwa utegura by'ubumwe n'ubwiyunge mu Turere ukoreramo, wakoresheje amarushanwa y'imivugo n'indirimo.

### **Amarushanwa y'abahanzi**

Icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge cyagize umwihariko kuko mu Ntara y'Iburasirazuba bacyizihije bakora amarushanwa y'abahanzi, indirimbo, imbyino n'imivugo.



*Itorero INGENZI*

### **2.1.3. Umunsi mpuzamahanga w'amahoro**

Isi yose yizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro, buri mwaka ku itariki ya 21 Nzeri. Uyu munsi washyizweho n'icyemezo cy'Umuryango w'Abibumbye nimeron 36/37 na 55/82 cyo mu mwaka w'1982. Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro ni urubuga rwiza aho abantu banyuranye, imiryango n'ibihugu bahurira bakaganira ku gaciro k'amahoro ku isi n'abayituye, bakagaragaza uruhare rwabo, ibyifuzo n'ingamba zo kurushaho guharanira Amahoro. Ni urubuga na none ruhuza abantu b'ingeri zose hagamiye kubaka ubumwe bwabo nk'abantu bakarenga ibibatandukanya (ibitekerezo bya Politiki, ubwoko, idini) bagafatanya kubaka amahoro.

## **Gutegura no kwizihiza Umunsi mpuzamahanga w'Amahoro**

Muri uyu mwaka wa 2015, uyu munsi wizihirijwe mu Rwanda ku rwego rw'isi. Insanganyamatsiko y'Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro iragira “**Partnership for Peace, Dignity for all**”; Iyi nsanganyamatsiko yahinduwe mu kinyarwanda ku buryo bukurikira “*Ubufatanye mu kubaka Amahoro, Agaciro kuri buri wese*”. Iyi nsanganyamatsiko ikaba ihamagarira abantu b'ingeri zinyuranye guhuza imbaraga mu guharanira amahoro arambye ku isi no guha buri wese agaciro.

## **Umunsi mpuzamahanga w'Amahoro mu Rwanda**

Abanyarwanda bafite ubuhamya bwihariye ku bijyanye n'agaciro k'amahoro. Kuba Abanyarwanda baranyuze mu bihe bikomeye byo kubura amahoro muri ibyo twavugaga amateka yaranzwe n'amacakubiri, ihohoterwa, Jenocide yakorewe Abatutsi byatumye barushaho kumenya agaciro k'Amahoro no kuyaharanira. Abanyarwanda bashoboye kwisana no kwiyubaka, ubu amahanga akaba aza kwigira ku Rwanda uburyo bwo kwicyemurira ibibazo. U Rwanda kandi ntirwagarukiye aho kuko ubu ingabo z'u Rwanda, Polisi y'Igihugu n'Abanyarwanda muri rusange ubasanga hirya no hino ku isi mu gufasha ibindi bihugu kugera ku mahoro. Iyi ntambwe yagezweho ku bufatanye bw'inzego zose. Hirya no hino mu gihugu hagaragara ibikorwa byihariye byo kubaka umuco w'Amahoro byaba iby'abantu ku giti cyabo, byaba iby'imiryango n'amashyirahamwe. Ni byiza ko umunsi nk'uyu izi nzego zishyira hamwe zikizihiza ibyagezweho zifata ingamba zo gukomeza ibishimangira ubumwe bw'Abanyarwanda bwo shingiro ry'iterambere n'amahoro arambye.

## **Abafatanyabikorwa mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro**

Mu kwizihiza uyu munsi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yafatanyije n'abafatanyabikorwa bayo mu nzego za Leta, abikorera, imiryango itari iya Leta n'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage muri rusange. By'umwihariko kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'amahoro muri uyu mwaka byakozwe ku bufatanye na MINISPOC, MYICT, MINEDUC, Kigali City, RBA n'Umufatanyabikorwa wo ku rwego mpuzamahanga akaba yari umuryango wa Peace One Day ufatanyije na Coca Cola Kenya.

## **Ibikorwa byo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, nkuko ifite inshingano yo guhuza ibikorwa byose birebana n'ubumwe n'ubwiyunge no kwimakaza umuco w'amahoro mu Banyarwanda, yiyemeje guhuza ibikorwa birebana no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro. Uyu munsi rero wafashije Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'abafatanyabikorwa mu

kubaka Amahoro kumenyana, gusuzumira hamwe intambwe bagezeho no gufata ingamba zo guteza imbere amahoro arambye. Mu gutegura uyu muni rero hifashishijwe Radiyo na Televiziyo y'u Rwanda mu gutanga ibiganiro "live" byatanzwe na Komisiyo n'abafatanyabikorwa bayo mu guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Hifashishijwe imbuga nkoranyambaga (social media) n'ibitangazamakuru binyuranye nka za murandasi "Website", Twitter na Facebook NURC. Hari hagamijwe kuwumenyakanisha no guhamagarira abantu b'ingeri zose kuwuzirikana no kuwitabira.

Ibikorwa bikurikira nibyo byaranze umunsi mpuzamahanga w'Amahoro mu Rwanda:

- Igikorwa cyo kumenyekanisha uyu muni binyuze mu buryo butandukanye bw'itangazamakuru ryaba iryandika, amaradiyo cyangwa televiziyo, ibyapa n'ibindi.
- Ibikorwa byakozwe mu cyumweru cyibanziriza umunsi mpuzamahanga w'amahoro byatanzwe ibiganiro bihuza abaturage, amarushanwa mu bigo by'amashuri abanza n'ayisumbuye. Ibi biganiro byateguwe n'abafatanyabikorwa mu kubaka amahoro (World vision, IRDP, La Benevolencia, Never Again, CARSA...)
- Ikiganiro ku ruhare rw'urubyiruko mu kubaka amahoro cyabereye mu Nteko Ishinga Amategeko, cyateguwe mu bufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge na Never Again.
- Imurikabikorwa rigaragaza uruhare rw'Abafatanyabikorwa mu guteza imbere umuco w'amahoro kuyabumbatira no kuyasigasira.
- Igitaramo cyo kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro cyabereye kuri Petit Stade Amahoro cyateguwe ku bufatanye bwa NURC, MINISPOC, MYICT, MINEDUC, RBA, Umujyi wa Kigali, Peace One Day n'izindi nzego. Iki gitaramo cyaranzwe n'ibihangano by'abahanzi b'Abanyarwanda n'abanyamahanga, ubuhamya bw'urubyiruko, ubutumwa bujyanye n'insanganyamatsiko y'umunsi mpuzamahanga w'amahoro.

### **Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'Amahoro ku rwego rw'Igihugu**

Ibirori byo kwizihiza uyu muni nyir'izina byabereye mu Mujyi wa Kigali, bikaba byaranzwe n'ibikorwa bitatu by'ingenzi by'urubyiruko bikurikira:

1. Inama yahuje urubyiruko n'abagize Inteko Ishinga Amategeko
2. Igitaramo cy'amahoro (Peace Concert)
3. Imurikabikorwa ry'amahoro

### **Ibiganiro by'urubyiruko byabereye mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda**

Ibi biganiro byatangiyeye i saa tatu za mu gitondo (9:00am), bitangizwa n'umuhango wo kuhira Igiti cy'amahoro giteye ku Nteko Ishinga Amategeko byakozwe n'abayobozi batandukanye bari bitabiriye uyu muni. Kuhira iki giti bigaragaza umuhate wo kubumbatira amahoro igihugu cy'u Rwanda gifite.



*Kuhira igiti cy'Amahoro cyatewe*

Atangiza ibiganiro by'abayobozi n'urubyiruko ku mugaragaro, Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenoside mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, Hon. BYABARUMWANZI François yahaye ikaze abitabiriye ibiganiro, aboneraho no kubifuriza umunsi mwiza mpuzamahanga w'amahoro. Yakomeje ashimira Leta y'u Rwanda kuri gahunda yayo nziza yo guhuriza mu biganiro abantu b'ingeri zitandukanye bakaganira ibyubaka amahoro arambye mu Rwanda by'umwihariko no ku isi yose muri rusange. Yanashimiye kandi Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye n'umuryango Peace One Day ku ruhare ntagereranywa bagize mu bikorwa bitandukanye byo gutegura uyu munsi mpuzamahanga w'amahoro 2015.

Yasabye abitabiriye ibiganiro guhora baharanira ko amahoro yarushaho gusakara kuri buri wese utuye isi, anabifuriza kugira ibiganiro byiza.





*Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenoside mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, Hon. BYABARUMWANZI François afungura ibiganiro ku mugaragaro*

Mu ijambo rye yagejeje ku bari bitabiriye ibiganiro, Bishop John RUCYAHANA, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, yatangiye yifuriza abaje mu biganiro umunsi mukuru mwiza, ashimira Leta y'u Rwanda n'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, imitwe yombi, ku ntambwe nziza bamaze kugeza ku gihugu mu kubaka amahoro n'umutekano birambye.

Yasobanuye ko amahoro bitavuga gusa kutaba mu ntambara, mu mvururu, mu mirwano kandi ko intambara atari iy'amasasu gusa ko hari n'intambara z'ubukene, z'ubujiji, zo kutajyana abana mu ishuri, z'imyubakire idahwitse. Izo zose rero zikaba zigomba kurwanwa zigahosha, amahoro agasesekara no mu mutima kuko atari mu mutima ntiyaboneka mu muryango, atari mu muryango ntiwayabona mu gihugu, atari no mu gihugu ntiwayabona mu rwego rw'isi.

Yakomeje asobanura ko amahoro ahesha abayafite agaciro, kandi agaciro ka muntu ntakukavumba; amahoro n'agaciro ntibitangwa nk'impano. Imyumvire y'uko hari abafite uburenganzira bwo guhitiramo abandi ejo habo hazaza heza bugomba gucika." Ku Banyarwanda by'umwihariko, yabibukije ko ibiryohera Umunyarwanda ariwe ukwiye kubyihitiramo, nta munyamahanga umuhatiye guhitamo, gusa tukamenya ko nk'Abanyarwanda tugomba kubana n'andi mahanga, tukabereka ko kugera ku mahoro bishoboka turebye aho u Rwanda rwavuye, aho rugeze n'aho rugana.



*Bishop John RUCYAHANA, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ageza ijambo kubitabiriye ibiganiro*

Abitabiriye ibiganiro barebye filimi mbarankuru yerekana urubyiruko rwagize ibyo rugeraho mu kubaka amahoro rubitewemo inkunga na Never Again Rwanda, aho rugaragaza uburyo bwo kwihesha amahoro, ukayacunga kandi ukayahesha n'abandi rukagaragaza ko amahoro ataza gutyo gusa, ko ari nk'inzu igomba kubakwa.

Urubyiruko rwari rwitabiriye ibiganiro rwahawe umwanya maze rutanga ibitekerezo/ibyifuzo, bimwe muri byo akaba ari ibi bikurikira:

- Amahoro Abanyarwanda bafite ku mutima akwiye kurushaho gusesekara no ku mubiri/ku munwa;
- Ubufatanye hagati y'ababyeyi, abarezi n'urubyiruko ni ngombwa kugira ngo amahoro arusheho kwimakazwa;
- Hakwiye gukazwa umurego mu kurwanya ibiyobyabwenge n'indwara zibikomokaho cyane cyane mu rubyiruko;
- Kuguma kurushaho kongera imbaraga mu kubaka amahoro kugira ngo u Rwanda rurusheho gukataza mu iterambere rwubakiye ku ntambwe nziza rumaze gutera igaragaza ko mu Rwanda hari amahoro atavangura, agera kuri buri wese, ibi rukaba rubikesha ubuyobozi bwiza burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida Paul Kagame ;
- Gusobanurira Abanyarwanda ko amahoro ari ubuzima bwabo bwa buri muni bityo buri wese akaba afite inshingano zo kuyaharanira no kuyasigasira ;
- Urubyiruko rurasabwa kugaragaza uruhare rwarwo rufatika mu kubiba mahoro ntirukiye kuba ntibindeba.



*Urubyiruko rwitabiriye ibiganiro rwahawe umwanya rutanga ibitekerezo.*

Mu ijamba Perezida wa Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no kurwanya Jenocide mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda, Hon. BYABARUMWANZI François yavuze asoza ibi biganiro yashimiye ababyitabiriye, abibutsa guhora bazirikana ko intambara itangirira mu mitima y'abantu ikaba ari naho irangirira ko rero ari byiza kurandura intambara mu mitima ahubwo hakimakazwa amahoro mu mutima wa buri wese.

Yibukije urubyiruko guhora ruzirikana ko Leta y'u Rwanda ishyigikiye ibikorwa byarwo byiza, ko iruhora hafi kandi ko irwijeje kuzajya irutegurira ibiganiro biruhuza kenshi n'abayobozi batandukanye bakungurana ibitekerezo bakanabasangiza ku bunararibonye babarusha.

Yongeye gusaba urubyiruko gufatanya n'abandi Banyarwanda mu kubaka amahoro birinda intambara, kutazicengeza mu bandi, kutishimira intambara zugarije abandi ahubwo ko bagomba guharanira ko amahoro Abanyarwanda bafite aramba kandi agasakara hirya no hino ku isi.



*Inama yahuje urubyiruko n'abagize Inteko Ishinga Amategeko*

### **Igitaramo cy'amahoro cyabereye kuri Petit Stade-Remera**

Nyuma y'ibiganiro by'urubyiruko byabereye mu Nteko Ishinga Amategeko mu gitondo, ibiganiro byakomereje kuri Petit Stade i Remera nyuma ya saa sita. Abahanzi bo mu Rwanda n'abo mu bindi bihugu by'Afurika basusurukije abitabiriye uyu muni karahava. Muri abo bahanzi harimo: Ice Prince (Nigeria), Dama Do Bling (Mozambique), Maurice Kirya (Uganda), Alikiba (Tanzania), Wangechi (Kenya), Innoss'B (RDC), amatsinda abyina nka Krest Crew na Jabba Junior.

Ibi birori byabereye mu Mujyi wa Kigali muri Petit Stade i Remera byitabirwa ahanini n'urubyiruko rwiganjemo abanyeshuri bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye na kaminuza.



*Igitaramo cy'amahoro (Peace Concert)*

Buri muhanzi wese wamaraga kuririmba yavugaga icyo atekereza ku muni Mpuzamahanga w'Amahoro ndetse akagira n'ubutumwa agenera abari bateraniye aho. Dore bumwe mu butumwa abo bahanzi batanze burebana n'amahoro:

- *"Abantu nibakundane, bafatanye kandi bumve ko ari bamwe bizadufasha kubana neza kuri ino si."* **Alikiba**
- *"Buri wese ashaka kubaho mu mahoro, nta n'umwe wifuzaga kubaho adatekanye, muri make buri wese aba ayifuzaga, ni byiza rero ko buri wese agira n'uruhare mu kuyaharanira."* **Ice Prince**
- *"Ku isi ntawe udakunda amahoro, n'ubwo waba uri umugome mu bindi ariko uba wumva waba mu mahoro. Umuntu wese ukunda Imana, yaharanira kugira amahoro muri we kandi akayaha na mugenzi we, kuko ari cyo Imana izaduhembera, ari nacyo idusaba."* **Nizzo**
- *"Ni iby'agaciro kugira urukundo kuko ari rwo rutanga amahoro kandi tugomba gukora cyane tugakura amaboko mu mifuka tukiteza imbere kuko mu gihugu cyacu biracyashoboka kwiteza imbere muri buri kimwe cyose."* **Safi**

- “Kuba turi aha ni uko dufite amahoro, icyo navuga buri wese aharanire kugira amahoro kuko ari twe agirira akamaro, turwanye icyatuma ibihugu byacu bitagira amahoro kuko iyo abuze nta terambere, rero tuyaharanire kugirango tubashe gutera imbere.” **Knowless**
- “Buri wese akwiye gukomeza guharanira icyatuma tugumana amahoro, tubana neza na bagenzi bacu kuko no kubana nabi n’umuturanyi na byo bikubuza amahoro.” **Uncle Austin.**



***Itorero ryaturutse mu gihugu cya Uganda ryashimishije benshi mu mbyino za kinyafurika***

Mu ijamba rye, Jeremy Gilley, washinze umuryango Peace One Day akaba ari nawe uwuyobora ku rwego rw’isi, yavuze ko bahisemo guhuriza hamwe abahanzi b’ibyamamare muri Afurika kugira ngo ijwi ryabo rifashe uyu muryango kurushaho gutanga ubutumwa bw’amahoro ku mubare munini w’abantu. Yashimiye Leta y’u Rwanda yabemereye ko uyu muni wizihirizwa mu Rwanda ku rwego rw’isi aboneraho no kubwira abari aho ko intambwe u Rwanda rumaze gutera mu rwego rwo kubumbatira amahoro ari intashyikirwa.

## Imurikabikorwa by'Amahoro ryabereye kuri Petit Stade– Remera

Iri murikabikorwa ryitabiriwe na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'abafatanyabikorwa bayo banyuranye barimo :

- Institute of Research and Dialogue for Peace (IRDP)
- International Alert
- Prison Fellowship Rwanda
- AEGIS Trust
- International Alarm Ministries
- Never Again Rwanda
- Brahma Khumaris
- Imbutu z'Amahoro



*Imurikabikorwa ry'abafatanyabikorwa*

## 2.2. UBUSHAKASHATSI

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyeunge ikora ubushakashatsi hagamijwe gusuzuma intambwe igenda iterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyeunge, ingero nziza zigashyigikirwa, imbogamizi zigasesengurwa hagafatwa ingamba zo kuzikemura. Ni muri urwo rwego hakorwa ubushakashatsi ku ngingo zinyuranye.

Muri uyu mwaka w'ibikorwa wa 2015-2016, hakoze ubushakashatsi ku **Gipimo cy'Ubwiyeunge mu Rwanda cya 2015** (Rwanda Reconciliation Barometer 2015), hatuburwa inyandiko z'igitabo ku rugendo rw'Ubumwe n'Ubwiyeunge mu Rwanda (Unity and Reconciliation Process in Rwanda).

### 2.2.1. Ubushakashatsi ku Gipimo cy'Ubwiyeunge mu Rwanda cya 2015

Komisiyo yakoze ubushakashatsi bwa 2 ku Gipimo cy'Ubwiyeunge mu Rwanda (Rwanda Reconciliation Barometer 2015), hagamijwe gusesengura no gufata ingamba zishyigikira ubumwe n'ubwiyeunge bw'Abanyarwanda. Ubushakashatsi bwa mbere ku Gipimo cy'ubwiyeunge mu Rwanda bwashyizwe ahagaragara mu Kwakira 2010 (RRB 2010), mu mwaka wa 2013 hakorwa ubushakashatsi bwimbitse ku ngingo zari zikenewe kurushaho gusobanurwa zari zagaragajwe na "RRB 2010". Mu gutegura ubushakashatsi Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyeunge yahuye n'abafatanyabikorwa bayo kugira ngo batange ibitekerezo mbere y'uko bukorwa.

#### **Inama nyunguranabitekerezo n'abafatanyabikorwa**

Ku itariki 10/7/2015 hakoze inama nyunguranabitekerezo ku nyandiko ikubiyemo uburyo buzifashishwa mu gukusanya amakuru ku bipimo by'ubumwe n'ubwiyeunge mu mwaka wa 2015 (RRB 2015 Inception report). Iyi nama yitabiriwe n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo **60**, bari bahagarariye inzego zinyuranye.





*Bamwe mu bitabiriyi inama nyunguranabitekerezo ya RRB 2015*

**Ibitekerezo byatanzwe:**

- Kwirinda gufata Imirenge ihuje imiterere, kuko nta bitekerezo bivuye mu ngeri zose twabona ; kugira ngo hazagaragazwe indorerwamo ya bose, byaba byiza kujya mu Mirenge itandukanye ;
- Gufata Umudugudu nka « Unit » y'ubushakashatsi ;
- Kwitondera gufata Imirenge imwe nk'Umujyi kandi ari icyaro, bishobora kuzavamo “statistics” zitarizo mu gihe umushakashatsi yagereranya abo mu Mijyi no mu cyaro kandi mu Turere twinshi ahenshi hameze nko mu cyaro ;
- Kureba niba abari muri gereza nabo babazwa no mu mashuri, “gender” nayo ikitabwaho mu gukusanya ibitekerezo ;
- Nyuma yo gukusanya amakuru hazabeho kugereranya RRB 2010 na RRB 2015 ; hagaragazwe ibibazo byari bihari n'uko bihagaze ubu ;
- Kwerekana muri make ibyagezweho n'aho tugana (mu gice cya background: the present and the future ) ;
- Muri “qualitative study” hazabazwe ibyo babona bibangamira ubwiyunge bw'Abanyarwanda kugira ngo bizibandweho, hakanarebwa aho dufite imbaraga ;
- Kureba niba abagize amashyirahamwe y'ubumwe n'ubwiyunge nayo yabazwa (bageze kuri byinshi, bariyunze mu buryo bufatika) ;
- Muri “socio-cohesion” : habazwa ibibazo bijyanye nko gukorera hamwe, gufatanya mu bikorwa bifatika ; kureba niba abantu basangira, batishisha ;

Muri rusange abitabiriye inama bashimye “inception report ya RRB 2015”. Iyi nama n’ibitekerezo byavuyemo byashingiweho mu kunoza inyandiko yifashishijwe mu gukora ubushakashatsi.


### **Uko ubushakashatsi ku Gipimo cy’Ubumwe n’Ubwiyunge bwakozwe**

Nkuko byavuzwe haruguru, nyuma yo kwemeza “inception report” ya RRB 2015, Ubushakashatsi bwatangiye gukorwa, hakusanywa amakuru (field data collection) byakozwe ku matariki ya 7/9-6/10/2015 mu Turere twose. Ubushakashatsi bwakozwe mu Turere 30, mu Midugudu 450 (hatoranijwe Imidugudu 15 muri buri Karere, muri buri Mudugudu habajijwe abantu 20). Ababajijwe bose hamwe ni abantu 12000 (habajijwe abaturage muri rusange no mu byiciro byihariye harimo amashuri yatoranijwe, amashyirahamwe y’ubumwe n’ubwiyunge, gereza). Ubushakashatsi bwakozwe hifashishijwe urutonde rw’ibibazo bibazwa abaturage 20 muri buri Mudugudu watoranijwe, hakaba n’ibiganiro (focus group discussions) bikorwa mu byiciro bitandukanye: mu mashuri, amashyirahamwe y’ubumwe n’ubwiyunge, gereza.

### **Kumurikira abafatanyabikorwa ibyavuye mu bushakashatsi**

Ku itariki ya **27/01/2016** muri Lemigo Hotel, hakoze inama yahuje Komisiyo n’abafatanyabikorwa bayo (abahagarariye inzego za Leta, Abikorera, abafatanyabikorwa) kugira ngo baganire ku byavuye mu bushakashatsi bwa “Rwanda Reconciliation Barometer 2015”. hagamijwe gutanga inama no gufata ingamba zo gukomeza guteza imbere ubumwe n’ubwiyunge bw’Abanyarwanda.

Abatumiwe bagejejweho ibyavuye mu bushakashatsi, bwagaragaje uko ubumwe n’ubwiyunge buhagaze ku rwego rw’Igihugu no muri buri Karere. Hakurikijwe ingingo z’ingenzi zishingirwaho mu kugenzura uko ubwiyunge buhagaze, dore bimwe mu byagaragajwe n’ubushakashatsi ku rwego rw’Igihugu :



## Imbonerahamwe ya 2 : Iyipimo byavuye mu bushakashatsi

Ibyasuzumwe mu gupima ubwiyunge mu Rwanda	Ikigereranyo cy'Ubwiyunge mu Rwanda cy'igipimo	
	2010	2015
1. Gusobanukirwa n'ibyabaye, ibiriho no kugena ahazaza	81.7	91.8
2. Ubwenegihugu n'ibiranga umuntu	95.2	96.7
3. icyizere n'uruhare by'abaturage mu miyoborere	77.8	88.4
4. Umutekano n'imibereho myiza	74.7	90.7
5. Ubutabera, amahirwe angana n'uburenganzira	77.2	91.4
6. Imibanire mu Banyarwanda	87.3	96.1
<b>Iyipimo rusange</b>	<b>82,3</b>	<b>92.5</b>

Nkuko bigaragara ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda bugenda butera imbere nk'uko bigaragazwa n'ubushakashatsi bwakozwe ku Gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda (Rwanda Reconciliation Barometer) : **82,3%** ( RRB 2010); **92,5%** (RRB 2015), ibi bipimo bikaba bitanga icyizere cy'uko icyerekezo Igihugu gifite ari uko ubwiyunge buzaba bwazamutse kugera ku gipimo cya **95%** mu mwaka wa 2017.

Ibimaze kugerwaho u Rwanda rubikesha ubushake bukomeye bwa politiki n'imiyoborere myiza n'umuco nyarwanda ushyigikira ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Ari nabyo byabaye umusingi wa gahunda zitandukanye zashyirwaho guteza imbere ubwiyunge n'ubufatanye mu Banyarwanda. Aha twavugaga iziza ku isonga:

Kwibuka (92.2%), Ndi Umunyarwanda (90.1%), Itorero ry'Igihugu (90%), Umuganda (90.8%), Amatsinda y'Ubumwe n'Ubwiyunge (89,9%), Ibirango by'Igihugu (88,9%), Amashyirahamwe n'amakoperative (88,6%), Girinka Munyarwanda (87,5%), Gusubiza mu buzima busanzwe abavuye k'urugerero (87%), Guhuza ingabo zahoze zihanganye (85,4%) n'Umushyikirano (85%). N'ubwo hari byinshi byagezweho mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiyunge, ubushakashatsi bwerekana ko hakiri imbogamizi zikwiye kwitabwaho. Zimwe muri izo mbogamizi ni izi zikurikira:

- Kuba hakiri Abanyarwanda bacyirebera, ndetse bakanarebera abandi mu ndorerwamo z'amoko, nk'uko byagaragajwe n'Abanyarwanda bagera kuri **27,9%** (RRB 2015) ;
- Abanyarwanda bagifite ingengabitekerezo y'amacakubiri na Jenocide nk'uko byagaragajwe n'Abanyarwanda bagera kuri **25,8%** (RRB 2015) ;
- Abanyarwanda bagaragaza ko hakiri ibikomere byatewe n'amateka mabi y'amacakubiri na Jenocide yakorewe Abatutsi bangana na **4,6%** (RRB,2015).

Komisiyo isanga mu gukemura ibi bibazo bisaba cyane ubufatanye bw'inzego zose n'Abanyarwanda muri rusange, umuco w'ibiganiro ugashyigikirwa kubaka imibanire myiza n'icyizerane bigashyirwamo imbaraga, amahoro no koroherana bigatezwa imbere cyane cyane mu madini n'amatorero, mu mitwe ya politiki, mu itangazamakuru no mu yindi miryango yose ihuza Abanyarwanda.

## 2.3. GUKURIKIRANA IYUBAHIRIZWA RY'AMAHAME NA POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge isaba inzego zose kubahiriza no gushyira mu bikorwa amahame y'ubumwe n'ubwiyunge. Inshingano ya Komisiyo yo gukurikiranira hafi uko inzego za Leta n'iz'imiryango itari iya Leta ikorera mu Rwanda, Abanyarwanda muri rusange n'abandi bose bakorera mu Rwanda muri rusange bayubahiriza. Ni muri urwo rwego, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahawe inshingano yo ***Gukurikiranira hafi uko inzego za Leta iz'abikorera, imiryango nyarwanda itari iya Leta cyangwa imiryango mvamahanga itari iya Leta ikorera mu Rwanda, abayobozi n'Abanyarwanda muri rusange bubahiriza amahame na Politiki by'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda.*** Mu gushyira mu bikorwa iyi nshingano, hakoze ibikorwa bikurikira:

### 2.3.1. Gukurikirana amatora

Mu rwego rwo gushyira mu ngiro inshingano za Komisiyo harimo no gukurikirana ko amahame ya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge yubahirizwa, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge igira uruhare mu gukurikirana uko igikorwa cy'amatora kigenda.

#### Amatora y'inzego z'ibanze

**Intego ya NURC mu gukurikirana amatora y'inzego z'ibanze ni izi zikurikira :**

- Kureba niba imitegurire n'imigendekere by'amatora byubahiriza bizirikana amahame ya politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Kugaragaza hakiri kare ibibazo bishobora kuvuka mu gihe cy'iyamamaza n'icy'itora kugira ngo hafatwe ingamba zo kubikumira no kubikemura aho bishoboka;
- Gukorera raporo inzego zibishinzwe hakiri kare kugira ngo niba hari amacakubiri cyangwa ivangura byagaragaye bishobore kwamaganwa hakiri kare cyangwa bifatirwe izindi ngamba

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yateguye amahugurwa y'abakangurambaga mu rwego rwo kubibutsa ko bafite inshingano yo kuba indorerezi z'igikorwa cy'amatora ategerejwe mu kwezi kwa 2/2016. Bibukijwe ko icyi gikorwa Komisiyo igikora mu rwego rwo kureba uko ihame rya Politiki y'ubumwe n'ubwiyunge ryubahirizwa bitabangamiye amahame rusange yashyizweho kugira ngo amatora agende neza kandi ko bazagaragaramo nk'indorerezi "observers" b'amatora y'inzego z'ibanze. Icyi gikorwa rero bahawe amabwiriza agenga uwo murimo banashyira umukono kuri forms zitangwa na Komisiyo y'amatora "NEC" baranafotorwa kugira ngo bazahabwe ibyangombwa bibemerera kuba indorerezi z'amatora.



*Abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge bakurikiye ikiganiro*

### **Iby'ingenzi byibanzweho mu gihe cyo gukurikirana amatora**

#### **a) Mu gihe cyo kwiyamamaza**

- Inyandiko (depliants) n'imvugo z'abiyamamaza ubwabo cyangwa ababamamaza niba bitabangamiye amahame y'ubumwe bw'Abanyarwanda;
- Imyitwarire y'inzego z'ubuyobozi cyangwa abayoboze b'amashyamba muri rusange;
- Uburyo abayobozi bakira abiyamamaza n'uburyo bafatwamo;
- Imyiteguro muri rusange iteye ite? (niba gutegura lisiti y'itora byararangiyeye, ibikoresho, aho amatora azabera, abazayabwira, ese abaturage barabikanguriye bihagije, bo babyumva bate, etc)
- Itangazamakuru ritangaza iki?
- Uruhare n'imyitwarire by'Imiryango itari iya Leta.

#### **b) Mu gihe cy'amatora nyir'izina**

- Kureba ubwitabire bw'abaturage bagomba gutora. Ese kuri buri biro by'itora, umubare w'abagombaga gutora n'abatoye urangana iki?
- Imyitwarire y'abayoboze igikorwa cy'amatora. Ese barangwa no kutabogama cyangwa bubahiriza amabwiriza agenga amatora?
- Ese amajwi abarurirwa igihe nkuko biteganyijwe. Ese ibikoresho n'ibindi byangombwa bigendanye n'amatora biteguye neza nkuko biteganyijwe?
- Imyitwarire y'indorezezi yo imeze ite?

#### **c) Nyuma yo gutangaza ibyavuye mu matora**

- Gukurikirana umwuka wa nyuma y'itangazwa ry'ibyavuye mu matora n'uburyo byakiriwe.

- Kumva imvugo n'imitwarire y'abiyamamaje, ababamamaje cyangwa abatsinze n'abatsinzwe;
- Gukurikirana uko impaka zavutse zikemurwa.

## **Uko ibikorwa by'amatora byakozwe**

### **a. Abakurikiranye igikorwa**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yakoresheje indorerezi 380 zari mu Turere twose 30, zigizwe n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge ku rwego rw'Uturere no ku Mirenge, Abakomiseri n'abakozi ba NURC.

### **b. Amahugurwa n'ibiganiro**

Mu rwego rwo gutegura igikorwa no kugira ngo kizagende neza hateguwe hanakorwa amahugurwa ku myitwarire y'indorerezi no ku byo bazibandaho mu gukurikirana amatora. Indorerezi za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge kandi zakurikiranye ibiganiro binyuranye byatanzwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, byateguraga amatora y'abayobozi mu nzego z'ibanze.

## **Imigendekere y'amatora**

Hashingiwe ku bushobozi bw'umukandida, mu Turere hose abaturage bamamazaga uwo babona koko ari inyangamugayo, uwo banenze bakabigaragaza bidashingiye ku marangamutima. Bamwe mu baturage bavugaga ko batora ingirakamaro bagira bati *“ubu twabonye Ndi Umunyarwanda ntitukigendera ku kindi icyo ari cyo cyose dutora uwaduhagararira uretse ubunyangamugayo n'ubushobozi tubonana uwo duhitamo”*.

1. Mu gihe cyo kwiyamamaza kw'Abajyanama, abakandida bose bahabwaga umwanya ungana wo kwiyamamaza nta busumbane bwagaragaye mu guha umwanya abiyamamaza mu gihugu hose.
2. Aho amatora yakorewe hatunganijwe n'abaturage, batanga ibikoresho byabo mu kubaka ubwihugiko ku buryo wasangaga basura izindi *“sites”* bagamije kugira ngo barebe akarusho, nabo barushaho gukora neza iyabo. Iki gikorwa kiza cyagaragaye mu Turere twose.
3. Amajwi yabaruwe mu mucyo: ababaruraga amajwi basabaga uwariwe wese wifuza gukurikira uko basoma amazina ko ahaguruka akajya areba koko niba izina risomwe ariryo ryatowe.
4. Ibyavuye mu matora byakiriwe neza: ahenshi mu Turere, Abajyanama baraye bamenye amajwi bagize kandi bakira neza ibyavuye mu matora.

### Imbonerahamwe 3 : Ibibazo byagaragaye n'aho bigaragara

Igihe	Ibibazo byagaragaye	Aho bigaragara (Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu).
Amatora y'abayobozi b'Imidugudu	<p><b>Kwiyamamaza binyuranyije n'amabwiriza agenga amatora:</b>                      Nkuko biteganyijwe mu mabwiriza agenga amatora kwiyamamaza bikorwa umunsi w'amatora, ariko haraho byagaragaye ko hari abatangiye kwiyamamaza binyuranyije n'amategeko mbere y'umunsi w'itora. Ibyo hamwe na hamwe byateje amakimbirane hagati y'abiyamamaza kandi umunsi w'amatora utaragera, atari n'abakandida bemewe kuko nkuko bitanijwe umuntu niwe wiyamamaza cyangwa akamamazwa n'abaturage imbere y'inteko itora igizwe n'abaturage bose ku munsi w'itora. Byakunze gukorwa n'abayobozi b'Imidugudu bari bacyuye igihe, bifuzaga kongera kuyobora cyangwa se kugira uruhare mu kugena abazabasimbura.</p>	<p>-Akarere ka Gakenke, Umurenge wa Muhondo, Akagari Gasiza, Umudugudu wa Gahinga no mu Umurenge wa Kamabuye, Akagari ka Mbatabata, Umudugudu wa Horero.                      -Akarere ka Nyamasheke, Umurenge wa Macuba, Akagari ka Rugali; Umudugudu wa Birembo.                      -Akarere ka Gasabo, Umurenge wa Jabana, Akagari ka Kabuye, Umudugudu wa Amakawa.</p>
	<p><b>1.Kwica amatora byakozwe n'abanyeshuri:</b>                      Abanyeshuri bajyaga inyuma y'umukandida umwe "utishimiwe n'abaturage" agatsinda uwahungagajweho amajwi n'abatuye Umudugudu. Akenshi abanyeshuri babikorera urugomo cyangwa se bakajya inyuma y'umuntu kuko bamuzi wenda ateka icyayi hafi aho cyangwa ahadodera inkweto.... Batitaye ku bushobozi afite mu kuyobora. Byagaragaye kandi Mu karere ka Rubavu, mu Karere ka Kamonyi, Huye, n'ahandi henshi.</p>	<p>Akarere ka Gakenke/Umurenge wa Nemba/Akagari Gisozi/Umudugudu Kanzoka no mu Umurenge wa Karambo/Akagari ka Karango/Umudugudu wa Cyumba; mu karere ka Nyamasheke, Umurenge wa Kanjongo, Akagari ka Kibogora, Umudugudu wa Kivugiza.</p>
Nyuma y'amatora ku rwego rw'Umudugudu	<p><b>2.Kutumvikana ku ibarura ry'amajwi:</b> hari ahagiye hagaragara impaka mu kubarura amajwi y'abari ku mirongo, batangaza utsinze abaturage bakabyanga bavuga ko ahari umurungo muremure atariho hatsinze. Abaturage bagaragaje ko abari kubara amajwi babeshye bagereranije n'uko babonaga imirongo ireshya, gusubiramo ngo bongere batore ntibyahita bikorwa nkuko babisabaga, bamwe mu batabyemera barivumbura baritahira biza gusubirwamo nyuma hatara abasigaye.</p>	<p><b>Urugero:</b> mu Karere ka Rulindo/ Umurenge wa Shyorongi/Akagari ka Rubona/ Umudugudu wa Kigali.</p>



	<p><b>3. Gusubiramo amatora:</b> Abaturage ntibishimiye abatowe kuko abanyeshuri babarushije ubwiganze hatorwa uwo abatishimiye amatora asubirwamo. Abayobozi b'Imidugudu bari batowe n'abaturage kubwiganze bw'abanyeshuri ku itariki ya 8/2/2016, bareguye amatora asubirwamo tariki ya 9/2/2016. Byateguwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge n'Akagari bishyirwa mu bikorwa ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.</p>	<p>Mu karere ka Gakenke, Umurenge wa Mata, Akagari ka Gikombe, mu Midugudu (Ruganda, Nyangombe, Muhoroto na Buhanga).</p>
<p><b>Amatora y'abajyanama mu gihe cyo kwiyamamaza</b></p>	<p><b>4. Kwangiza amafoto y'abakandida:</b> Mu gihe cyo kwiyamamaza ahamanitse amafoto y'abakandida, hagaragaye ifoto y'umukandida yasizwe amase. Ubuyobozi burabihagurukira basobanurira abaturage ko atari byo ntibyongera</p> <p><b>5. Kwiyamamaza bitwaje imitwe ya politiki:</b> mu gihe cyo kwiyamamaza hari ababikoraga bitwaje imitwe ya politiki bakomokamo; ibi byagaragaye mu Karere ka Gicumbi aho bamwe mu biyamamazaga bagaragazaga ko bakomoka muri PSD na PL basangaga abaturage mu ngo, aho abaturage bahuriye no mu tubari babasaba amajwi. Ubuyobozi bumaze kubimenya basabwe guhagarika ubwo buryo bwo kwiyamamaza kuko butari bwemewe. Ariko bikomeza kuzana ibihaha bamwe mu babibujijwe bavuga ko hari akarengane.</p> <p><b>6. Bamwe mu biyamamazarizaga kuba abajyanama bagaragaweho gutanga ruswa.</b> Iki kibazo cyagaragaye mu Karere ka Rwamagana, aho umukandida yiyamamaje akoresheje guha abaturage amafaranga, akaza gufatwa agahanishwa kuvanwa ku rutonde rw'abatorwa.</p>	<p>Akarere ka Burera, centre ya Gaseke.</p> <p>Akarere Gicumbi, Umurenge wa Kaniga na Bwisige. Hari bamwe mu bakandida batishimiye uburyo Komisiyo y'Amatora yasobanuraga ko bagomba kwiyamamazamo bayirega kubogama ariko bimaze gusuzumwa basanga ari imyumvire kandi basabwa guhindura.</p> <p>Akarere ka Rwamagana, Umurenge wa Nzige. Ibi byakuruye ibihaha bamwe bavuga ko ari abashyigikiye uwo wahanganye mu majwi ari abaturage baza gusobanurirwa n'ababishinzwe barabyumva.</p>

Igihe cy'amatora y'abanyama	<p><b>7.Hari bamwe mu bakorerabushake b'amatora bagiye bagaragarwaho n'ibikorwa byo kwica amatora:</b> Hagaragaye abakorerabushake b'amatora, bagiye bakusanya ikarita z'itora mu baturage bagamije kuza kuzitoreraho, bityo bikabaha kuzamura abo bifuza binyuze mu gutora inshuro irenze imwe umuntu yemerewe. Icyi kibazo cyagaragaye ahantu hatandukanye mu Karere ka Musanze. Umuturage yafatanwe impapuro z'amatora 40 ashyikirizwa abashinzwe umutekano mu murenge wa Shingiro, byagaragaye kandi no mu Murenge wa Busogo aho umuturage yafatanwe ikarita 20 yatangiye kuzitoreraho.</p> <p>1.Umukoranabushake MUKAGASASIRA yafashwe afite amajwi 100 y'Umukandida Alcade agiye kuyata muri WC barayamufatana. Ikaragarara n'uko uyu mukoranabushake yashakaga ko uyu mu candida adatsinda amatora</p> <p>2.Umukomiseri w'amatora MANIRAGABA Placide yafatanywe impapuro z'itora yazitoreye ahatazwi indorerezi imufashe arayaca. Bimaze kumenyekana yahanwe na Komisiyo y'Igihugu y'amatora ahita ahagarikwa.</p> <p>3.Mu Karere ka Muhanga umukorerabushake wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora MUKASIBO Philomène, yafashwe yibira amajwi umukandida MUKAMUTARI Xavera, yafatanwe ikarita 4 yari ataramara gutorera.</p>	<p>Akarere ka Musanze, Umurenge wa Shingiro, Akagari ka Cyimbazi, Umudugudu wa Kibuguzo no mu Murenge Busogo, Akagari ka Nyagisozi, Umudugudu wa Musezero.</p> <p>Akarere ka Burera, Umurenge wa Ruhunde, site y'amatora ya Rusekera</p> <p>Akarere ka Burera, Umurenge wa Ruhunde, site ya Rusekera, mu Mudugudu wa Rusenge.</p> <p>Akarere ka Muhanga mu Murenge wa Kabacuzi.</p>
Nyuma	<p><b>8.Abiyita indorerezi badafite ibyangombwa:</b> Hagaragaye indorerezi zidafite ibyangombwa ziza mu byumba by'amatora zivuga ko zihagarariye umukandida runaka ntabyangombwa, babangiye bagenda bakwiza ibihuha bagandisha abatwaga bababura gukomeza kuza gutora ngo nta mucyo uri mu matora kuko babangiye kuyakurikirana nk'indorerezi kandi ari uko badafite ibyangombwa.</p>	<p>Byagaragaye mu Karere ka Rulindo, Umurenge wa Bushoki, site y'Akagari ka Kayenzi.</p>
Nyuma	<p><b>Nyuma yo gutangaza ibyavuye mu matora</b> Nta mpaka zagaragaye</p>	

**Imyanzuro-nama Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye yasanze ikwiye kwitabwaho :**

- Kongera ingufu mu gusobanurira abaturage hakiri kare kugira ngo bigabanye urujijo usanga bafite. Ingero: Mu matora yo ku rwego rw'Umudugudu wasangaga baje batazi neza inzego zitorwa kandi bakagombye kubimenya mbere bakitegura kwiyamamaza kuri iyo myanya cyangwa kwamamaza abo babona babishoboye. Ikindi cyagaragaje kudasobanukirwa no mu matora y'abajyanama hari bamwe bagiye gutora basize carte y'itora bibwirako n'abajyanama bari bubajye inyuma, ugasanga basubizwa mu rugo kuzizana bamwe ntibagaruke.
- Byaba byiza amatora yo ku rwego rw'Akarere agiye ategurwa mu byiciro kuko bifata igihe kirekire, aho yatangiye saa mbiri akarangira saa moya z'umugoroba, abatora baba bagomba gutaha mu Mirenge ya kure, wasangaga batora badatuje bifuzaga gutaha kuko bwari bwije.
- Bikwiye kwigwaho abanyeshuri bari ku mashuri byagaragaye ko iyo batoreye aho bari bica amatora kuko baba batazi abaturage batuye aho ishuri ryabo riherereye; bagahitamo bakurikije uko babona umuntu uwo munsu ariko mu by'ukuri badasanze bamuzi, bigatera abaturage kutabyishimira bavuga ko badatoye inyangamugayo zizagira icyo zibagezaho.
- Abaturage bifuzaga ko igihe cyo kwiyamamaza ku bajyanama bajya bahabwa umwanya nabo bakababaza ku byo bateganya kuzabagezaho baramutse batowe, bashingiye ku byo baba bivugiyeye.
- Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikwiye kongera ingufu mu kwigisha abakorerabushake;
- Nta buryo buriho bwo kugenzura ko abafite imiziro (abatemerewe gutora no gutorwa) batari mu batora cyangwa abatorwa (mu matora yo ku mudugudu).

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye isanga amatora y'inze z'ibanze yaragenze neza muri rusange, kuko nta kibazo cy'amacakubiri, nta vangura byayaranze haba mu biyamamaza, mu batora no mu batorwa.

**2.3.2. Gusuzuma no gukurikirana imigendekere y'igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 22 Jenoside yakorewe Abatutsi**

Kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, kwibuka haharanirwa ko jenoside itazongera kuba ukundi ni amwe mu mahame shingiro ya Politiki y'Igihugu y'ubumwe n'ubwiye. Ibi

bigashimangirwa n'Itegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye aho mu nshingano ihabwa harimo:

- Gutanga ibitekerezo ku bikorwa byarandura amacakubiri kandi bigashimangira ubumwe n'ubwiye bw'Abanyarwanda;
- Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose.

Mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 22 Jenocide yakorewe Abatutsi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye mu bufatanye n'inzego zitandukanye yigize uruhare mu bikorwa byo kwibuka. Ku buryo bw'umwihariko yihatiye kureba intambwe imaze guterwa mu bumwe n'ubwiye bw'Abanyarwanda hashingiye ku makuru yakusanyijwe mu gihe cyo kwibuka. Amakuru yakusanyijwe agaragaza ingero zihariye zifatika zigaragaza intambwe Abanyarwanda bamaze kugeraho mu rugendo rw'ubumwe n'ubwiye agaragaza kandi ibibazo bikibangamiye ubumwe bw'Abanyarwanda n'ingamba bikwiye gufatirwa.

#### **Icyari kigamijwe :**

- Gukusanya amakuru ku migendekere yo kwibuka ku nshuro ya 22 Jenocide yakorewe Abatutsi muri 1994;
- Kumenyekanisha ingero nziza zagaragaye zishyigikira ubumwe n'ubwiye;
- Gusesengura ibibazo bigihari ngo bishakirwe umuti;
- Gutanga ibitekerezo ku bikorwa byarandura amacakubiri kandi bigashimangira ubumwe n'ubwiye bw'Abanyarwanda;
- Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose;
- Kugaragaza ingamba zikwiye gufatwa mu gukomeza kubungabunga ubumwe n'ubwiye bw'Abanyarwanda kugira ngo zigaragazwe kandi zimenyeshwe inzego bireba.

#### **Uburyo bwakoreshejwe :**

- Ibikorwa byakorewe mu Turere;
- Hifashishijwe inyandiko yagaragazaga uko igikorwa kigomba kugenda;
- Gukorana n'abakozi bo mu Turere bashinzwe ubumwe n'ubwiye n'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiye ;
- Umurongo wa telefoni utishyura (1888) abantu batanzeho amakuru;
- Imbuga nkoranyambaga zihuza Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye n'abafatanyabikorwa bayo;
- Gusesengura amakuru atangazwa n'ibitangazamakuru bitandukanye

### **Ibikorwa byagaragaye bishimangira ubumwe n'ubwiyunge**

- Abaturage ku rwego rw'Imidugudu bitabiriye ibiganiro ku bwinshi;
- Abaturage babyitekerereje bakusanije inkunga yo gufasha abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi batishoboye;
- Hanabayeho ubundi bwitange nko gusana amacumbi y'abacitse ku icumu;
- Hateguwe umugoroba wo gufata mu mugongo abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi abaturage bagirana ibiganiro bihumurizanya bisozwa no gusura abatishoboye (mu Karere ka Gisagara);
- Abacitse ku icumu bahawe abo bise "marraine" bazajya babakurikirana umunsi ku wundi mu rwego rwo kubafasha kuva mu bwigunge/ Akarere ka Nyaruguru, Umurenge wa Ruheru;
- Gufatanyaga gusukura inzibutso n'imibiri y'ababonetse ngo bashyingurwe mu cyubahiro bidahariwe abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi gusa.

### **Ibikorwa byagaragajwe byabangamira ubumwe n'ubwiyunge**

- Gupfobya Jenocide yakorewe Abatutsi;
- Amagambo ajijisha ko habaye "double genocide";
- Inyandiko zidasinye zitera ubwoba, zigaragaza urwango (tracts);
- Amagambo asesereza;
- Ibikorwa bisesereza;
- Hagaragaye abifuzaga kongera gukora jenocide;
- Kurebanira mu ndorerwamo z'amoko n'amacakubiri;
- Kwangiza imyaka cyangwa ibindi by'abarokotse Jenocide yakorewe Abatutsi

Komisiyo isanga hakwiye gufatwa ingamba zihutirwa zo kurwanya ibi byose bidindiza ubumwe n'ubwiyunge hakoreshejwe uburyo bukurikira:

- Gukomeza gukangurira abaturage gusobanukirwa ingaruka z'intambara no kuyirinda;
- Gusobanurira abaturage amategeko ahana ingengabitekerezo ya jenocide n'amacakubiri;
- Kuburanishiriza imanza z'abagaragayeho ingengabitekerezo ya Jenocide aho byabereye (ku mugaragararo) no gutangariza abaturage ibihano bahawe;
- Gukurikirana ko abahamijwe ibyaha by'ingengabitekerezo ya Jenocide ko bahanwe;
- Gushyira imbaraga mu biganirwa bya Ndi Umunyarwanda.

### **2.3.3. Uburyo buzifashishwa mu gukurikirana politiki y'ubumwe n'ubwiyunge**

#### **2.3.3.1. Amahugurwa ku buryo buzifashishwa mu gukurikirana iyubahirizwa rya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge mu nzego n'ibigo bikorera mu Rwanda**

Ku itariki ya 16-17/12/2015, Komisiyo yateguye amahugurwa ku bakozi bazagira uruhare mu kugenzura no gukurikirana uko amahame ya politiki y'ubumwe n'ubwiyunge yubahirizwa mu bigo bya Leta.

#### **Intego y'aya mahugurwa :**

Kugira imyumvire imwe ku buryo buzifashishwa mu gukurikirana ubumwe n'ubwiyunge mu nzego n'ibigo bikorera mu Rwanda no gusobanukirwa uburyo bwo gukurikirana “monitoring”, kuyitegura no kuyishyira mu bikorwa.

#### **Ingingo zaganiriweho**

- Uburyo buzifashishwa mu gukusanya amakuru (strategies);
- Iyipimo bizifashishwa (indicators);
- Gukoresha urutonde rw'ibibazo mu gukusanya amakuru (questionnaire);
- Gukoresha “software” izifashishwa mu gukusanya amakuru, kuyasesengura no kuyabika.

#### **Uburyo buzifashishwa mu gukusanya amakuru (strategies)**

- Gukurikirana ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge hifashishijwe urutonde rw'ibibazo byateguwe;
- Gukurikirana ubumwe n'ubwiyunge hifashishijwe ibiganiro n'abakozi (individual interviews);
- Gukurikirana ubumwe n'ubwiyunge hifashishijwe ibiganiro mu matsinda (focus groups);
- Gukurikirana ubumwe n'ubwiyunge hifashishijwe ibiganiro bihuza abahagarariye ibigo bitandukanye (intra-institutional or community dialogues);
- Gusesengura inyandiko (documentation review) ngenderwaho mu nzego n'ibigo.

Ubu buryo uko ari 5 bushobora gukoreshwa icyarimwe cyangwa hagatoranywa bumwe muri bwo bitewe n'amakuru akenewe.

Ingingo 8 zizibandwaho mu gukurikirana Ubumwe n'Ubwiyunge:

- Kwinjiza ubumwe n'ubwiyunge mu igenamigambi;
- Guteza imbere ubunyarwanda n'imibanire myiza mu Banyarwanda;
- Kurwanya ivangura n'amacakubiri;

- Ubukangurambaga ku bumwe n'ubwiyunge;
- Gushyigikira ibikorwa by'abaturage bigamije ubumwe n'ubwiyunge;
- Gukurikirana no gusuzuma uko ubumwe n'ubwiyunge bihagaze;
- Kugaragaza ibyabangamira ubumwe n'ubwiyunge;
- Gukumira no gukemura amakirambirane.

Abakozi basobanuriwe uburyo buzakoreshwa n'ibizifashishwa mu gukurikirana ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge. Hakozwe umwitozo wo gusubiza urutonde rw'ibibazo bizifashishwa mu nyandiko no kubisubiza hakoreshejwe ikoranabuhanga.

### **2.3.3.2. Inama n'abafatanyabikorwa ku buryo buzifashishwa mu kugenzura uko politiki y'ubumwe n'ubwiyunge yubahirizwa mu bigo**

Inama yahuje Komisiyo n'abafatanyabikorwa yabaye tariki ya 11/05/2016 yitabiriwe n'abantu 82 bari bahagarariye inzego zitandukanye (Minisiteri n'ibigo bya Leta, sosiyete sivili harimo amadini n'amatorero, abikorera, imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, ibitangazamakuru,...). Abitabiriye inama bibukijwe Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibyo isaba inzego zitandukanye gushyira mu bikorwa. Banagejweho uburyo buzifashishwa mu gukurikirana ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge mu nzego n'ibigo bitandukanye. Inama yari igamijwe :

- Kwibutsa abafatanyabikorwa batandukanye uruhare rwabo mu gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge no kubibutsa guteganya ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge (byubaka imibanire myiza y'Abanyarwanda) mu iteganyamigambi ryabo;
- Kubagezaho no kuganira ku bizifashishwa (monitoring strategy & tools) mu gukurikirana iyubahirizwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ibikorwa mu nzego n'ibigo bitandukanye no kubasaba kuzabigiramo uruhare kugira ngo bikorwe neza (Participatory monitoring).

#### **Gukurikirana ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge bigamije:**

- Kumenya uruhare rw'inzego n'ibigo bitandukanye mu gushyira mu bikorwa Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Gushyigikira ibikorwa biteza imbere imibanire myiza y'Abanyarwanda no gushakira ibisubizo ibibazo bigihari;
- Kwibutsa ibigo n'inzego zitandukanye uruhare rwazo mu gukomeza guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

Kuri buri ngingo hateganijwe ibipimo bizagenderwaho. Byashyikirijwe abitabiriye inama kugira ngo nabo mu nzego zitandukanye batangire bisuzume babishingiyeho.

## **2.4. GUKORANA N'IZINDI NZEGO NO GUHUZA IBIKORWA BIGAMIJE GUTEZA IMBERE UBUMWE N'UBWIYUNGE**

Mu nshingano Komisiyo ifite kugira ngo igeze Abanyarwanda ku bumwe n'ubwiyunge burambye, isabwa gutegura no guhuza gahunda y'ibikorwa by'Igihugu bigamije ubumwe n'ubwiyunge, gukorana n'izindi nzego zaba izo mu gihugu cyangwa izo mu mahanga zifite ibikorwa bifite aho bihurira n'inshingano zayo mu rwego rwo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge. Ni muri urwo rwego Komisiyo yihatira kubaka ubufatanye n'izindi nzego zaba iza Leta cyangwa iz'imiryango itari iya Leta mu bikorwa bigamije guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.

### **2.4.1. Ubufatanye n'inzego za Leta**

Ubumwe n'ubwiyunge bureba Umunyarwanda wese uri mu gihugu ndetse n'utari mu gihugu, niyo mpamvu Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu gusigasira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda ibigeraho ifatanyije n'izindi nzego mu bikorwa bitandukanye.

#### **1. Ubufatanye na RGB**

Komisiyo yafatanyije na RGB mu rwego rwo gushakira umuti urambye ibibazo biri mu miryango itari iya Leta cyane cyane ishingiyeye ku idini:

- Ku kibazo cy'umuryango w'abayisiramuru RMC/AMUR cyo kwimura abakozi b'uwo muryango bigakorwa binyuranyije n'amategeko ngengamikorere y'uwo muryango, Komisiyo yagize uruhare mu gushakisha uburyo uyu muryango washobora gukomeza gukora nta makimbirane hagati y'abawugize.

- Ku kibazo cy'umuryango w'abayisilamu bibumbiye muri M.I.F, bavugaga ko bakorerwa ivangura n'akarengane kandi bifuzaga ubuzima gatozi bwo kwemererwa gukorera mu Rwanda, Komisiyo yashyizeho itsinda ry'Abakomiseri kugira ngo hakorwe ubucukumbuzi bwimbitse kuri icyo kibazo.

Hakozwe ibiganiro bitandukanye n'itsinda ryashyiriweho gucukumbura icyo kibazo muri M.I.F. Nyuma y'ubucukumbuzi, Komisiyo yasanze M.I.F ikwiye gutegereza igisubizo RGB izayigenera ku byerekeranye n'ubuzimagatozi basabye, bagirwa inama ko bakwiye gukorana na RMC/AMUR imaze kubona ubuyobozi bushya.

Komisiyo kandi yateguye inyandiko igenewe MINALOC na RGB itanga inama ku mpungenge ziterwa n'umuvuduko w'ishyirwaho ry'imiryango ishingiyeye ku idini igaragaramo akajagari gahembera ihangana, amacakubiri, kubangamira ubumwe bw'Abanyarwanda n'imibanire yabo.



## 2. Inzego z'ibanze

Inzego z'ibanze ni abafatanyabikorwa b'ingenzi zikorana na Komisiyo ku buryo bwa hafi mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge. Mu mihigo y'Uturere hagaragaramo ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge kandi Uturere tukagira uruhare mu guhuza ibikorwa by'abafatanyabikorwa mu bumwe n'ubwiyunge no kubaka amahoro bakorera mu buturage.

Uturere twagize uruhare mu gutegura urutonde rw'abazajya mu ihuriro ry'abayobozi n'abahoze ari abayobozi.

Kubera ko abayobozi n'abari abayobozi ari indorerwamo Abanyarwanda birebamo, kandi buri Munyarwanda wese asabwa kugira uruhare mu bikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge kugira ngo Politiki y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yubahirizwe. Abayobozi n'abahoze ari abayobozi basabwa by'umwihariko kuba intangarugero kuko abaturage babareberaho. Imbonerahamwe ikurikira irerekana imibare y'abari kuri urwo rutonde.

**Imbonerahamwe ya 4:** Urutonde rw'agateganyo rw'abahoze ari abayobozi hirya no hino mu Turere.

AKARERE	UMUBARE	URWEGO RW'UBUYOBOZI					
		Minisitiri/SG	Ambasaderi	Senateri/Depite	Prefet/S/Prefet/Governor	Meya/Burugumesitari	Visi Meya
<b>UMUJYI WA KIGALI</b>							
Gasabo	56	13	-	13	7	12	11
Nyarugenge	14	-	2	2	2	6	2
Kicukiro	44	11	2	10	3	10	8
<b>INTARA Y'AMAJYEPFO</b>							
Kamonyi	13	-	-	-	-	9	4
Ruhango	16	-	-	-	-	10	6
Muhanga	18	-	-	1	3	9	5
Nyanza	14	-	-	-	2	7	5
Huye	25	-	-	-	8	6	11
Gisagara	21	-	-	-	6	4	11
Nyamagabe	27	2	-	-	-	15	10
Nyaruguru	11	-	-	-	-	6	5
<b>INTARA Y'AMAJYARUGURU</b>							
Burera	33	-	-	-	3	15	15
Gakenke	23	-	-	1	1	8	13
Gicumbi	42	-	-	3	3	15	21
Musanze	48	1	-	1	5	18	23
Rulindo	33	1	-	2	-	8	22
<b>INTARA Y'IBURASIRAZUBA</b>							
Ngoma	15	-	-	-	1	6	8
Kirehe	25	-	-	1	3	7	14
Bugesera	26	-	-	-	2	7	17
Gatsibo	58	3	2	8	2	16	27
Rwamagana	26	-	1	2	-	12	11
Kayonza	14	-	-	-	2	3	9
Nyagatare	19	-	-	-	-	9	10
<b>INTARA Y'IBURENGERAZUBA</b>							
Rubavu	38	-	-	1	1	11	25
Ngororero	15	-	-	-	-	2	13
Nyabihu	19	-	-	4	-	8	7
Rutsiro	17	-	-	-	1	9	7
Karongi	19	-	-	-	1	9	9
Nyamasheke	20	-	-	1	1	8	10
Rusizi	9	-	-	-	4	1	4
Igiteranyo	758	31	7	50	61	266	343

### **3. Ubufatanye n'inzego zigize itsinda ry'ubutabera (justice sector)**

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye, ibarizwa mu itsinda ry'inzego zishinzwe ubutabera n'amahoro. Ni muri urwo rwego ifite ibikorwa ihuriraho n'abagize iri tsinda mu kwimakaza amahoro arambye no gusigasira ubumwe Abanyarwanda bamaze kugeraho. Mu cyumweru cyahariwe ubufasha mu by'amategeko, inzego zigize itsinda ry'ubutabera zafatanyije gusuzumira hamwe icyakorwa mu rwego rwo kurangiza ikibazo cy'imanza zaciwe n'Inkiko Gacaca, ibirego birebana n'imitungo yangijwe cyangwa yasahuwe burundu.

### **4. Komisiyo y'Igihugu ishinzwe kurwanya Jenocide (CNLG)**

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amahame yo kurwanya jenocide n'ingengabitekerezo yayo, kwibuka haharanirwa ko jenocide itazongera kuba ukundi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye yafatanyije na CNLG gukurikiranira bugufi ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 22 Jenocide yakorewe Abatutsi.

Ku nshuro ya 22 twibuka Jenocide yakorewe Abatutsi, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye (NURC) nk'urwego rwa Leta rufite inshingano yo guhangana n'ingaruka za Jenocide yakorewe Abatutsi yubaka ubumwe n'ubwiye mu Banyarwanda bose, mu bikorwa byayo iteganya buri mwaka harimo n'igikorwa cyo kwibuka Abatutsi bishwe muri jenocide. Buri mwaka Komisiyo itegura ibikorwa biyanye no kwibuka, ni muri urwo rwego hakozwe ibikorwa bikurikira:

- Gusura urwibutso rw'i Gikonko ho mu Karere ka Gisagara, Intara y'amajepfo
- Kuremera abantu batatu batoranyijwe bahabwa inka.

#### **Gusura urwibutso**

Gusura urwibutso ni kimwe mu bikorwa biyana no kwibuka kandi ni umwanya wo kunamira no gushyira agaciro abazize Jenocide yakorewe Abatutsi. Ku itariki ya 10/06/2016, Abayobozi n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Gikonko mu kwibuka, banasobanurirwa amateka y'urwibutso. Intego kwari gufatanya n'abacitse ku icumu kwibuka no kubafata mu mugongo. Urwibutso rwa Gikonko rwasuwe rushyinye imibiri y'Abatutsi ibihumbi 27.500.



*Umuhango wo gushyiraho indabo*

### **Kuremera abatishoboye**

Icyerekezo cy'Igihugu cyacu n'uko Abanyarwanda bagira iterambere rishingiye ku bumwe n'ubwiyunge no kwimakaza umuco mwiza wo kugabirana binyuze muri gahunda ya Girinka.



Nkuko intumbero ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ari ukubanisha Abanyarwanda, icyo gikorwa cyakozwe hazirikanwa kugabira uwacitse ku icumu, uwamugariye ku rugamba yitangira Igihugu mu rugamba rwo kubohora Igihugu ndetse no gushimira uwabaye inyangamugayo mu kurengera abahigwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi ukwiye gufashwa.

Muri ibyo byiciro hatoranyijwe aba bakurikira:

- Umubyeyi wacitse ku icumu utishoboye, MUKAGASANA Josépha
- Uwamugariye ku rugamba rwo kubohora Igihugu, KABAGAMBA Emmanuel
- Umukecuru KAMPARA Marthe, wahishe abana 6 muri Jenoside yakorewe Abatutsi akabahungana akaza no kubahungukana bakarokora.



*Perezida wa Komisiyo mu gikorwa cyo kumurika inka n'abazihabwa*

Mu butumwa bwahatangiwe, hibukijwe ko tugomba “*Kwibuka turwanya ingengabitekerezo ya Jenocide.*” Kandi ko ingengabitekerezo ya Jenocide ari ikiyobyabwenge tugomba kuyirwanya twivuye inyuma, twamagana abayihembera, ikaranduranwa n'imizizi yayo.

Perezida wa Komisiyo yakomeje asaba abari bitabiriye igikorwa cyo kwibuka, ko abishe abantu mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi bakwitabira kuvuga no kwerekana aho bajugunye imibiri y'abo bishe kuko bizabafasha bo ubwabo gutura umutwari bikoreye bagendana, kandi bigafasha n'uwiciwe abe kuruhuka abonye asubije agaciro uwe wakambuwe agashyingurwa mu cyubahiro akwiye.

#### **5. Komisiyo ishinze gusubiza mu buzima busanzwe ingabo zavuye ku rugerero (RDRC)**

Mu bufatanye na Komisiyo y'Igihugu yo gusubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero, NURC yatanze ikiganiro cya Ndi Umunyarwanda ku cyiciro cya 57 cy'abitandukanyije n'abacengezi bagera kuri 64.

Abatashye biyemeje gukomeza kugira uruhare mu gushishikariza gutaha abo basize mu mashyamba bababwiza ukuri ku byo babonye n’aho Igihugu kigeze mu iterambere.

#### **2.4.2. Ubufatanye n’imiryango itari iya Leta**

Imiryango itari iya Leta ifite ibikorwa byinshi bifite aho bihuriye n’ibikorwa by’ubumwe n’ubwiyunge, ni yo mpamvu Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge igira uruhare rwo kubihuza no kubishyigikira.

##### **1. Umuryango wa “Unity Club” INTWARARUMURI**

Unity Club ni umuryango Nyarwanda ufite ibikorwa bifatanye isano n’ibikorwa by’ubumwe n’ubwiyunge no gukora ubuvugizi, gutanga inama no kunganira inzego za Leta n’imiryango yita ku ikemurwa no kugabanya ubukana bw’ibibazo by’ingaruka za Jenocide yakorewe Abatutsi by’umwihariko cyane cyane gufasha incike no kubaka icyizere cy’ejo hazaza. Bimwe mu bikorwa yakoranye na Komisiyo ni ibi bikurikira:

##### **Ihuriro rya 8 Unity Club ifatanije na NURC**

Unity Club *Intwararumuri* itegura ibiganiro bihuza abanyamuryango bayo buri mwaka na bamwe mu bandi bayobozi bakabitumirwamo. Ibi biganiro bitegurwa mu bufatanye na Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge (NURC) nk’urwego rufite inshingano yo guhuza ibikorwa biteza imbere Ubumwe n’Ubwiyunge, bikaba kandi umuyoboro mwiza wo gufatanya n’abayobozi bakuru b’Igihugu kubaka Ubumwe n’Ubwiyunge.

Mu mwaka wa 2015-2016 habaye Ihuriro rya 8 ryahawe insanganyamatsiko ya **”Umurinzi w’igihango mu mujishi wa Ndi Umunyarwanda”**.

Ihuriro rya 8 rya Unity Club ryari rifite intego rusange yo kumurikira Abanyarwanda Abarinzi b’Igihango no kubizihiza kugira ngo babere ishema n’urugero by’ubutwari biranga uwanze gutatira Igihango cy’Ubunyarwanda. By’umwihariko gahunda y’Abarinzi b’Igihango yafashije:

1. Gukomeza gutanga urubuga rwo gusobanukirwa amateka yacu no gufasha ababyiruka kuyakira, dushingiye ku nyigisho z’ibimaze kugerwaho n’ingero nziza dusanga mu mateka n’ibikorwa by’Abarinzi b’Igihango.
2. Kurushaho kunoza isesengura rikorwa ku bikomere twasigiwe n’amateka mu bihe no mu byiciro bitandukanye no kubonera inzira uburyo bwo kubyomora hifashishijwe ingero z’Abarinzi b’Igihango.
3. Kugaragaza inzira yo kubaka uburyo n’ubushobozi byo kuzura inshingano dufite yo kubaka ejo hazaza dukumira icyagarura amacakubiri ayo ariyo yose mu Banyarwanda, tukimakaza Igihango cy’Ubunyarwanda.

4. Gushimangira agaciro duha uguhitamo no kwigenera kwacu twe nk'abanyagihugu bafite ubwigenge n'ukwishyira ukizana kwa buri muntu.
5. Guha imbaraga n'agaciro ibikorwa ntangarugero by'Ubumwe n'Ubwiye bw'Abanyarwanda, hatangwa ibihembo "Unity award 2015"
6. Gutangiza icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiye ku rwego rw'Igihugu.

Muri iri huriro rya 8 abantu 17, barimo ibyiciro bitandukanye, abagore n'abagabo, abakuru n'abato, abo mu muji n'abatuye mu cyaro, Abanyarwanda n'abanyamahanga, bashyikirijwe icyemezo n'umudari by'ishimwe ry'uko babaye Abarinzi b'Igihango na Nyakubahwa Jeannette Kagame, Madamu wa Perezida wa Repubulika akaba n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri.

## 2. Imiryango ishingiyeye ku idini

Mu bikorwa byakozwe n'imiryango ishingiyeye idini hakurikijwe imyanzuro yagiye yumvikanwaho na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiye n'imiryango ishingiyeye ku idini mu bihe bitandukanye ni ibi bikurikira:

- Gusaba imbaraga ku bashumba n'abakirisitu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Gufasha Abanyarwanda gukora ibikomere, kuvuga ukuri, gusaba imbaraga no kuzitanga no kubaka icyizere cy'ejo hazaza;
- Kwitabira ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, kuremera abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye;
- Gutanga ibiganiro by'ubumwe n'ubwiye mu bayoboze bayo by'umwihariko mu matsinda ashinzwe gusakaza amahoro mu bayoboze b'amadini.
- Amadini afite amaradiyo yayo atangazaho inyigisho zikangurira abaturage ubumwe n'ubwiye n'ibikorwa by'amahoro muri rusange;
- Abagendererwa n'abanyamahanga, abajya mu mahanga n'abafite amatorero yagutse akarenga imipaka y'u Rwanda bagaragaza isura nyayo y'u Rwanda mu nzira y'ubumwe n'ubwiye.

Ingero zikurikira zigaragaza uruhare rw'imiryango ishingiyeye ku idini rugira akamaro mu bikorwa by'isanamitima:

### Paruwasi Gatorika ya NTENDEZI

Ku nshuro ya 2 muri Paruwasi ya NTENDEZI habereye igikorwa kigamije isanamitima no kugarukira Imana mu bakirisitu bayo, ihuza abaturage biciwe ababo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi n'abababakuye.



Kubera uruhare rukomeye gahunda y'isanamitima ifite mu rugendo rwo komorana ibikomere, kwigaruramo ubumuntu, kvanaho urwikekwe no kutishishanya hagati y'abishe n'abiciwe ababo, Paruwasi Gatorika ya NTENDEZI ikaba yarabashyiriyeho gahunda y'inyigisho n'ibiganiro bitangwa mu gihe cy'amezi 6 nk'uburyo bunoze bwo kubafasha gusaba no gutanga imbabazi babivanye ku mutima.



*Abagarukiramana bakomorewe amasakaramentu muri Paruwasi ya Ntendezi tariki ya 01/05/2016*



*NDAYISABA Fidèle, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NURC atanga ubutumwa muri Paruwasi ya Ntendezi*

Muri uru rugendo rw'isanamitima, hagaragaye imbuto zikurikira: kuvuga ukuri ku byabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi, guhuza abantu no kvanaho kwishishanya, kubohoka mu mutima no kumva abaturage bafite amahoro mu rwababyaye, gukwirakwiza gahunda y'isanamitima mu zindi Paruwasi.

Iyi gahunda yakomereje no mu zindi Paruwasi Gaturika zirimo iya Nyamata aho ibiganiro byatangiriye ku guhuza abagera kuri 450.



*Abacitse ku icumu baganira mu itsinda i Nyamata*

Mu matsinda, abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi barisanzuye bagaragaza intimba baterwa no kubona bamwe mu babiciye bireze bakemera icyaha, baragarutse mu buzima busanzwe bakaba bakora imirimo y'ubuyobozi n'izindi service mu kiriziya mu gihe batigeze basaba imbabazi abo bahemukiye.



*Abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi baganira mu matsinda*



*Ubuhamya bw'Abagize uruhare mu kurokora abahigwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi*

Nyuma yo kuganira mu matsinda no guhuza ibyaganiriweho, abitabiriye ibiganiro bahabwa umwanya buri wese agasanga uwo yumva bafitanye ikibazo akamusaba imbabazi cyangwa akazimuha. Ibiganiriye bisozwa no guhagarikira amasakaramentu abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bakazakomorerwa nyuma y'inyigisho z'amezi atandatu.



Abiyemeje kwihana ibibi bakoze basaba imbabazi abacitse ku icumu nabo bakazitanga babikuye ku mutima mu ruhame.



### **Itorero ADEPR**

Amatorero menshi y'ivugabutumwa mu Rwanda afite gahunda y'isanamitima mu bikorwa byabo. Iyi gahunda y'isanamitima usanga yifashishwa mu rwego rwo kunga abayoboke bayo babasaba kugira urukundo, kubabarirana, kwihanganirana no gufashanya. Iri torero rifite ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge muri gahunda zabo za buri muni, mu byo bakoze uyu mwaka harimo:

- Guhugura abayobozi n'abandi hagamijwe guhindura imyumvire no gusobanukirwa uruhare rwa buri wese muri uru rugendo rwo gusana imitima no kunga umuryango nyarwanda;
- Gufasha abarokotse Jenocide yakorewe Abatutsi, gusubiza agaciro abishwe no gufata mu mugongo abarokotse;
- Mu rwego rwo kongererwa ikizere cyo kubaho no kugira impinduka yihuse mu by'ubukungu, baremera abatishoboye babubakiye amazu 208 ku bacitse ku icumu;
- Mu rwego rwo kubika ibimenyetso bya Jenocide yakorewe Abatutsi, hubatswe inkuta 44 zanditsweho amazina y'inzirakarengane zazize Jenocide yakorewe Abatutsi ku nsengero 39 zo mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara, hamenyekanye abakirisitu bishwe basengeragamo bagera 8,876 (*amakuru ageze ubu*)

- Hatanzwe inka 31, imashini zidoda 14, abana 3 bafashijwe kwiga muri kaminuza;
- Hasuwe gereza 5, abagororwa 107 biyemeza gusaba imbabazi z'ibyaha bakoze.
- Hatanzwe ubufasha bw'imyambaro yo muri gereza imbere hambitswe abagororwa 1234

### **Itorero EAR Diyosezi ya BYUMBA**

Iri torero rihuza ibikorwa by'isanamitima by'umushinga wa MVURA NKUVURE (Community based sociotherapy Project) ufatanyamo n'ihuriro ry'imiryango ya Prison Fellowship, DUHUMURIZANYE IWACU. Uyu mushinga ukorera mu Ntara enye mu Turere umunani aritwo Gicumbi, Rulindo, Gatsibo, Bugesera, Rubavu, Karongi, Muhanga na Nyamagabe.

### **Itorero ORTHODOX**

Iri torero rihuza abaturage bo mu matorero anyuranye bakabakorera ibikorwa by'urukundo byatumye abaturage bo mu gace rikoreramo mu Ntara y'Iburasirazuba barushaho kwegerana aho kwishishana, bimwe mu bikorwa ryakoze ni ibi bikurikira :

- Bakoresheje amarushanwa y'indirimbo y'imbyino ku bana n'urubyiruko bo mu madini n'amatorero anyuranye, bakoresheje amarushanwa y'ikinamico ku bumwe n'ubwiyunge;
- Bagize uruhare mu gushyigikira gahunda ya Leta y'ubwisungane mu kwivuzza, barihira ubwisungane imiryango iherereye mu gace bakoreramo yo mu cyiciro cya 2 n'icya 3 cy'ubudehe ;
- Bakoze amahugurwa y'isanamitima mu buryo bw'ibiganiro, byafashije ababyitabiriye kubohoka bagatangana ubuhamya ku rugendo rw'ubuzima bwabo ;
- Buri cyumweru, bigisha ubumwe n'ubwiyunge ku bana n'urubyiruko binyuze mu mikino, bagashaka insanganyamatsiko bahisemo bakayiganiraho ;
- Bahuje abasigajwe inyuma n'amateka bo mu Karere ka Rwamagana n'abaturanyi babo, babahugura ku byerekeranye no kubyaza umusaruro impano bafite yo kubumba no kubyina mu rwego rwo kwiteza imbere.

### **3. Prison Fellowship Rwanda**

Bafite ibikorwa binyuranye by'isanamitima bakoreramo mu Turere tw'Intara y'Iburasirazuba n'Akarere ka Musanze. By'umwihariko Abafashamyumvire ba Prison Fellowship Rwanda begera abagororwa muri za gereza bakabigisha kugeza biyemeje guhinduka bakavugisha ukuri, bagasaba imbabazi abo bahekuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi ku buryo bifasha n'imiryango bakomokamo kumenya no kwemera ukuri ku byaha bakoze. Ibi bifasha imiryango yabo n'abarokotse jenoside kubana nta kwishishanya.



*Abagororwa 30 bo muri Gereza ya Bugesera basaba imbabazi ku mugaragaro abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi*



*Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NURC abagezaho ubutumwa*

#### **4. Peace One day**

Ni umuryango mvamahanga wamamaza ibikorwa biharanira amahoro ku isi. Uyu muryango wafatanyije na Komisiyo gutegura no kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'amahoro mu Rwanda muri 2015.

#### **5. Umuryango wa CARSA**

Imiryango 102 yo Mirenge ya Shyogwe na Cyeza mu Karere ka Muhanga, ku wa 15 Kanama 2015 yagabiwe inka 51 ziswe iz'ubwiyunge kugira ngo yikure mu bukene.





*Inka z'ubwiyunge*

Imiryango yahawe inka ni iy'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 n'iy'ababiciye nyuma yo guhugurwa ku isanamitima n'ubwiyunge, aho imiryango ibiri yagiye ihabwa inka imwe yiswe **Inka y'Ubwiyunge**.



*Abigishijwe bahanye impano z'urwibutso rw'ibyo bagezeho*

Umuryango w'abakirisitu wita ku isanamitima (CARSA) wita ku bikorwa by'isanamitima utanga ibiganiro ku barokotse n'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Abiyemeje kwiyinga bakagabirwa inka y'ubwiyunge.

## 6. Rwanda Youth Clubs For Peace Organization

Rwanda youth clubs for Peace Organization (RYCLUPO), ni umuryango w'urubyiruko. Ukaba ukorera mu bigo by'amashuri yisumbuye 75 byo mu Turere 4 two mu Ntara y'Iburengerazuba twa Nyabihu, Ngororero, Rubavu na Rutsiro.

Wita ku bikorwa bikurikira:

- Ibiganiro bihoraho n'urubyiruko ndetse n'abarezi ku mateka ya Jenoside n'Ingengabitekerezo yayo na gahunda ya **NDI UMUNYARWANDA** mu mashuri abanza n'ayisumbuye;
- Amahugurwa atandukanye ajyanye na *Peace Building, Tolerance and Conflict resolutions*.
- Ibiganiro mpaka haba mu baturage cyangwa abanyeshuri bo mu mashuri bigamije gutoza urubyiruko gukemura amakimbirane mu mahoro;
- Gusura inzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu Turere hagamijwe kwigira ku mateka no guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda;
- Gutegura no kuyobora amarushanwa y'imikino ngarukamwaka yitwa **Football for Peace in Peace Tournament**, ahuza urubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye mu rwego rwo kubaka amahoro binyuze mu mikino.

## 7. Never Again Rwanda na IRDP

Ni umuryango nyarwanda, ugira uruhare by'umwihariko mu bukangurambaga mu rubyiruko no gukora ubushakashatsi muri gahunda yo kurwanya jenoside no kubaka umuco w'amahoro.

## 8. Association des Volontaires de la Paix (AVP)

Ni ishyirahamwe ry'abakorera bushake b'Amahoro. Bakaba bagira ibikorwa n'imishinga iteza imbere ibikorwa by'amahoro. Mu mushinga wa "Peaceful coexistence" AVP ihuza abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi 1994 n'abakoze ibyaha bya jenoside barangije ibihano.

Mu mwaka wa 2015-2016 AVP yakoze ibikorwa bikurikira:

- Ubukangurambaga binyuze mu ikinamico;
- Amahugurwa ku mibanire myiza hagamijwe iterambere;
- Inkunga ku matsinda y'abahuguwe yo guteza imbere ibikorwa bahuriraho bibafasha gukomeza gushimangira imibanire myiza.

## 9. Noyau de Paix “Isôko ry’amahoro”

Ni umuryango ufite intego yo guhanira amahoro no kuyasakaza muri bose. Bimwe mu bikorwa bakoze bigaragara ko bishyira imbere ubumwe n’ubwiyunge ni ibi bikurikira:

- Amahugurwa agenewe abashinzwe gukurikirana amatsinda y’ubumwe n’ubwiyunge mu miryango ikorana na Noyau de Paix, hagamijwe kongererwa ubumenyi ku gukemura ibibazo bahura nabyo.
- Kwitabira ibikorwa byo kwibuka abazize Jenocide yakorewe Abatutsi mu mwaka wa 1994
- Gukurikirana ibikorwa by’amatsinda y’ubumwe n’ubwiyunge mu miryango inyuranye igize Noyau de Paix-Isoko ry’Amahoro

## 10. Club z’ubumwe n’ubwiyunge mu mashuri makuru na kaminuza (SCUR)

Ibikorwa by’abanyeshuri bahagarariye abandi mu bumwe n’ubwiyunge bwibanze cyane cyane kuri ibi bikurikira :

- Basuye inzibutso za Jenocide yakorewe Abatutsi bahakora umuganda mu Bisesero, Nyabihu na Nyamata;
- Gukumira ingengabitekerezo ya jenocide mu mashuri makuru na kaminuza;
- Bakoresheje ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu mashuri yisumbuye na kaminuza;
- Bafunguye club z’ubumwe n’ubwiyunge mu mashuri y’isumbuye;
- Abanyeshuri bibumbiye muri club z’ubumwe n’ubwiyunge basuye incike za Jenocide yakorewe Abatutsi babarihira ubwisungane mu kwivuza;
- Basanye amacumbi yabatishoboye baturije kaminuza bigamo.

## 11. Ubufatanye n’amashyirahamwe y’ubumwe n’ubwiyunge

Komisiyo yafashije gushyiraho amashyirahamwe yimakaza ubumwe n’ubwiyunge, ahuza Abanyarwanda bahuriye mu matsinda agamije guteza imbere imibanire myiza no kurwanya icyasubiza inyuma ubumwe n’ubwiyunge bw’Abanyarwanda no gushyigikira ibimaze kugerwaho. Muri aya mashyirahamwe twavugaga aya akurikira agira uruhare mu bukangurambaga:

### Intara y’Amajyaruguru

- **Ubumwe bwa Mataba:** Ni ishyirahamwe ry’ubumwe n’ubwiyunge rigizwe n’Abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi, abagore bafite abagabo bafungiyeye icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi, abakoze icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi barangije ibihano byabo nyuma yo kwemera icyaha no gusaba imbabazi ku cyaha cya Jenocide

yakorewe Abatutsi, Abahoze ari EX FAR n'abandi. Aho rikorera ni mu Karere ka Gakenke/Umurenge wa Mataba rikaba rifite icyicaro muri centre ya Mataba.

- **CAEG/ Umugende : Cooperative des Agri-Eleveurs de Gitare**

Ni ishyirahamwe ry'ubumwe n'ubwiyunge CAEG/UMUGENDE ryo mu Karere ka Burera. Rifite ibikorwa byo guteza imbere bikanahuzza abanyamuryango baryo bari mu byiciro bikurikira: abacitse ku icumu rya Jenocide yakorewe Abatutsi, abatahutse bari barahunze muri 1959 n'abandi baturage amateka y'u Rwanda yashyize mu byiciro bitandukanye.

**Intara y'Iburasirazuba :**

- Club Imbutu z'amahoro, Akarere ka Rwamagana. Ni abanyamuryango bakora ubukangurambaga mu mashuri no mu nzego z'ibanze mu baturage gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge bakoresha ibihangano byabo birimo imbyino n'indirimo, imivugo, ikinamico hamwe n'inkuru zishushanyije no kugenda bafasha abaturatione batishoboye mu bikorwa bihindura imibereho yabo nko kububakira uturima tw'igikoni, guhana imibyizi mu mirima n'ibindi.
- Itorero Ndangamuco "Uruhongore rw'Umuco", rikorera mu Karere ka Kirehe rifite abanyamuryango bagamije gutanga ubutumwa bw'ubumwe n'ubwiyunge mu bantu b'ingeri zitandukanye bakoresheje imivugo, n'indirimo.

**Intara y'Iburengerazuba:**

- Indorerwamo z'Ubumwe n'Ubwiyunge", ryo mu Murenge wa Jenda, Akarere ka Nyabihu
- Intwararumuri ryo mu Murenge wa Gatumba, Akarere ka Ngororero. Iri shyirahamwe rikaba rigizwe n'abanyamuryango baturuka mu byiciro binyuranye birimo abafunguwe bireze bakemera icyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi, abacitse ku icumu, ababyariye iwabo, inkeragutabara, abafite abagabo bafunze.
- Abakunda Amahoro ryo mu Murenge wa Busasamana, Akarere ka Rubavu bafite abanyamuryango rigizwe n'abari mu gihugu mbere ya 1994, abari impunzi za 1959, abari abacengezi, aba ex-FAR, Inkeragutabara n'abagize uruhare muri Jenocide yakorewe Abatutsi n'abayirokotse. Ibikorwa byabo byibanda cyane mu korozyanya, gukumira amakimbirane, kurera imfubyi za Jenocide yakorewe Abatutsi,...

**Intara y'Amajyepfo:**

- Abasangirangendo, ryo mu Murenge wa Mukura Akagari ka Cyeru, Akarere ka Huye: bakora ubuhinzi b'imboga. Iryo shyirahamwe rigizwe n'abacitse ku icumu n'abakoze icyaha cya Jenocide bireze bakemera icyaha

- Club Urumuri ryo mu Murenge wa Kigoma, Akagari ka Butara, Akarere ka Nyanza. rigizwe n’abacitse ku icumu n’abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Bagenda bavuga ubutumwa bwiza mu magereza
- Twiyubake Peace Family’’ rikorera mu murenge wa Nyarubaka, Akarere ka Kamonyi, bakora ibikorwa by’ubumwe n’ubwiyunge mu baturage bafashanya.

### **Umusaruro wavuyemo mu kwishyira hamwe**

1. Byaciye urwicyekwe, ubwizerane butera imbere bikagaragarira mu bufatanye;
2. Kubwizanya ukuri no komorana ibikomere, gusaba imbabazi no kuzitanga;
3. Kurwanya ubukene.

## **2.5.KUMENYEKANISHA IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KWAMAGANA IBYA BUBANGAMIRA**

Nk'uko biteganijwe mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite inshingano ku birebana no gukurikirana ibishobora kubangamira imibanire myiza y'Abanyarwanda:

- Gutanga ibitekerezo ku bikorwa byarandura amacakubiri kandi bigashimangira ubumwe n'ubwiyunge by'Abanyarwanda;
- Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ari ryo ryose.

### **2.5.1.Kumenyekanisha ibikorwa bya Komisiyo**

Hifashishijwe uburyo bushoboka kugera ku Banyarwanda benshi ndetse n'abanyamahanga, Komisiyo ikoresha uburyo bw'itangazamakuru ryanditse (radiyo, televiziyo), imbuga nkoranyambaga, murandasi, bigamije gusakaza no kumenyekanisha ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge. Ubwo buryo bukaba bwarakoreshejwe mu ngingo zikurikira :

- Kumenyekanisha no gusakaza ibikorwa ibicishije mu bitangazamakuru byandika, ibya Leta n'ibygenga;
- Gutangaza ku mbuga nkoranyambaga no kuri murandasi;
- Gutanga urubuga rw'ibitekerezo ku murongo wa telephone utishyuzwa;
- Gukorana ibiganiro n'itangazamakuru ryo hanze n'iryo mu gihugu

### **Ikinyamakuru IGORORA**

Ikinyamakuru IGORORA ni umuyoboro w'ibitekerezo n'ibikorwa bya Komisiyo yifashisha isakaza ibikorwa byayo, zimwe mu nkuru zasohotse muri icyo kinyamakuru :

- Buri wese ashobora gukumira no gukemura amakimbirane
- icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge 2015
- Umunsi Mpuzamahanga w'Amahoro wo kuwa 21 Nzeri 2015
- Itorero Indangamirwa : icyiciro cya 8
- The 25<sup>th</sup> annual conference of human dignity and humiliation studies
- Ndi Umunyarwanda
- Ubushakashatsi

### **Kwandika inkuru (articles) mu binyamakuru ku bumwe n'ubwiyunge**

Inkuru zitandukanye zivugaga ku bumwe n'ubwiyunge zasohotse mu binyamakuru bitandukanye zimwe zanditswe n'abashinzwe itangazamakuru muri NURC, izindi zanditswe n'abafatanyabikorwa ba NURC.

### **Ingero:**

- Abishe Abatutsi muri Jenocide yakorewe Abatutsi batoteje banarwanya Imana yaremye muntu mu ishusho yayo: yasohotse muri Gicurasi ku rubuga rwa Panorama.com n'Umurabyo.net
- Genocide perpetrators, survivors reconciled at Nyamasheke event, New times May, 3,2015
- Hari aho twavuye n'aho tugeze mu bumwe n'ubwiyunge, umuseke.rw, 26/5/2016
- Clerics commit to promote unity and reconciliation, New times May, 18,2015

### **Ikiganiro n'itangazamakuru**

Mu rwego rwo kugira ngo ibikorwa bya Komisiyo bigere ku Banyarwanda benshi bashoboka, kuwa 03 Ugushyamba 2016 muri Hotel Umubano habaye ikiganiro n'Abanyamakuru cyayobowe na NURC ifatanyije n'Umuryango Unity club Intwararumuri, aho basobanuriye itangazamakuru rikoresha radiyo, televiziyo, iryandika n'irikoresha imbuga za internet gahunda z'Icyumweru cy'Ubumwe n'Ubwiyunge, igikorwa cyo gutoranya Abarinzi b'Igihango n'ihuriro rya munani ry'Umuryango Unity club Intwararumuri, kugira ngo bazitangarize Abanyarwanda b'ingeri zose.



*Abayobozi basobanurira ibikorwa bya Komisiyo itangazamakuru*



*Abanyamakuru bitabiriye inama*

Hifashishijwe urubuga rwa murandasi “internet” rwa Komisiyo arirwo [www.nurc.gov.rw](http://www.nurc.gov.rw) rwashyizweho mu gutangariza Abanyarwanda ibikorwa bya Komisiyo.

### **Gutangaza inkuru ku mbuga nkoranyambaga**

Komisiyo ishyira ibikorwa n’inkuru ziyanye no kumenyekanisha no gukangurira Abanyarwanda ubumwe n’ubwiyunge ikoresheje imbuga nkoranyambaga kugira ngo ubutumwa itanga bugere ku Banyarwanda benshi ikoresheje website yayo ariyo [www.nurc.gov.rw](http://www.nurc.gov.rw).

### **Zimwe mu nkuru zatangajwe ku mbuga nkoranyambaga :**

- Ku itariki ya 27/1/2016, NURC yagiranye inama n’abafatanyabikorwa bayo baganira ku byavuye ku bushakashatsi ku mibanire y’Abanyarwanda ( RRB2015);
- Abayobozi batandukanye bo muri Malawi basuye NURC tariki ya 28/1/2016;
- Abagore 23 basuye NURC baturutse mu gihugu cya Suwede tariki ya 9/2/2016;
- Itangazo rigenewe Abanyamakuru: Ihererekanyabubasha hagati y’Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NURC n’uw’agateganyo ryabaye tariki ya 2/3/2016.

### **Telefone (umurongo utishyurwa wa NURC 1888 )**

Komisiyo yashyizeho umurongo wa telefone abaturage bahamagaraho batishyujwe kugira ngo Abanyarwanda n’abandi bakurikira gahunda n’ibikorwa bya NURC bajye banyuzaho ibitekerezo byabo, ku bijyanye n’ubumwe n’ubwiyunge, icyakorwa kugira ngo burusheho gutera imbere, ibibazo, ubuhamya n’ibitekerezo.



Bigaragara ko Abanyarwanda bakurikira ibikorwa bya Komisiyo uhereye ku butumwa butangwa n'ibyifuzo bitandukanye bagaragaza. Ubutumwa bwinshi ni ubushima ibikorwa bya Komisiyo n'intambwe imaze guterwa, by'umwihariko igikorwa cyo kumurika no gushima ku mugaragaro abantu babaye indashyikirwa mu gihe cy'amahina n'abagenda bagaragaza ibikorwa byihariye by'ubumwe n'ubwiyunge (Abarinzi b'Igihango).

### **Ikiganiro IGORORA**

Binyujijwe kuri Radiyo Rwanda, Komisiyo yagiranye amasezerano y'imikorere n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe itangazamakuru kugira ngo yoroherewe mu kunyuzaho ibikorwa bitandukanye mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa byayo no ku bisakaza ngo bigere ku bantu benshi. icyo kiganiro kikaba gitambuka ku cyumweru mu gitondo guhera saa kumi n'ebiri n'iminota mirongo ine n'itanu (6: 45am) kugeza saa moya (7: 00am).

#### **2.5.2. Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko bigamije gusenya ubumwe n'ubwiyunge**

Komisiyo imwe mu nshingano za NURC ni ukugaragaza, kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bigamije gukurura ivangura iryo ariryo ryose ryakorerwa Umunyarwanda n'umunyamahanga, ku warikora uwo ariwe wese, no kugira uruhare mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenocide.

#### **Ikiganiro n'abanyamakuru mu kwamagana ibyasenya ubumwe n'ubwiyunge**

Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yagize ibiganiro n'abanyamakuru harimo no kwamagana ifatwa n'ifungwa rya **General Karenzi KARAKE** wahagaritswe n'inzego z'umutekano za Leta y'Ubwongereza, kuko ibibona nko gupfobya igikorwa cy'indashyikirwa cyo guhagarika Jenocide yakorewe Abatutsi yakorerwaga Abatutsi mu 1994, abayobozi bakuru b'Igihugu cyacu bakoze.

## IGICE CYA GATATU

### 3. INGENGO Y'IMARI MU MWAKA WA 2015-2016

Buri mwaka Komisiyo igenerwa ingengo y'imari ikoresha mu bikorwa byayo, ibyo bikorwa bigenda bigaragara mu bihembwe bigize umwaka. Nkuko bigaragara mu mbonerahamwe uyu mwaka yagenewe amafaranga angana na miliyoni magana inani na makumyabiri na bitandatu, ibihumbi mirongo inani n'amafaranga magana atatu mirongo itanu n'arindwi by'u Rwanda hakubiyemo n'ayaturutse mu baterankunga (826,080,357 FRW).

**Imbonerahamwe ya 5: Igaragaza uko imari yinjiye n'uko yasohotse muri NURC mu mwaka w'ingengo y'imari warangiye ku wa 30/06/2016**

<b>Ibikorwa</b>	<b>Ayateganijwe umwaka 2015-2016</b>	<b>Amafaranga yakoreshejwe umwaka 2015-2016</b>	<b>Ijanisha</b>
<b>Administrative &amp; Support Services</b>			
Imishahara	302,987,137	275,674,988	91 %
Ibikorwa	193,409,459	215,643,644	111.49%
<b>Unity and Reconciliation Monitoring</b>	78,528,764	76,255,704	97.1%
<b>Conflict Prevention and Management</b>	50,709,245	50,686,363	99.95%
<i>Amafaranga yo mu isanduku ya Leta</i>	<i>625,634,605</i>	<i>618,260,699</i>	<i>98,8%</i>
<b>UNDP</b>	<b>200,445,752</b>	<b>164,317,227</b>	<b>81,98%</b>
<b>Ingengo y'imari yose</b>	<b>826,080,357</b>	<b>782,577,926</b>	<b>94,7%</b>

Iyi Raporo iragaragaza ikoreshwa ry'ingengo y'imari yagenewe Komisiyo, igipimo kikaba cyarabaye 94,7% by'ingengo y'imari yose.

**Imbonerahamwe ya 6: Incamake y'ikoreshwa ry'ingengo y'imari 2015-2016**

<b>UMWAKA W'INGENGO Y'IMARI 2015-2016</b>				
<b>IBIKORWA</b>	<b>AMAFARANGA UKO YABONETSE N'UKO YAKORESHEJWE</b>			
	<b>AYABONETSE</b>	<b>AYAKORESHEJWE</b>	<b>AYASIGAYE</b>	<b>IJANISHA</b>
IMISHAHARA Y'ABAKOZI	302,987,137	275,674,988	27,312,149	91%
IBIKORESHO NA SERIVISI	322,647,468	342,585,711	19,938,247	106,17%
INGENGO Y'IMARI YA LETA	625,634,605	618,260,699	7,373,906	98,8%
INKUNGA	200,445,752	164,317,227	35,763,130	81,98%
<i>YOSE HAMWE</i>	<i>826,080,357</i>	<i>782,577,926</i>	<i>43,137,032</i>	<i>94,7%</i>

## UMWANZURO

U Rwanda rumaze gutera intambwe ishimishije mu kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Muri gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2015-2016 hari byinshi byiza byagezweho hashingiwe ku byari biteganyijwe nubwo hari bike bitararangira bigomba gukomeza kwitabwaho. Muri ibyo twavuga:

- Gushyiraho ihuriro ry'ubumwe ry'abayobozi n'abahoze ari abayobozi mu nzego z'ibanze. Urutonde rw'abayobozi bateganyijwe kujya muri iryo huriro ku rwego muri buri Karere rwarakozwe, haboneka abagera kuri 758. N'inyandiko ngenderwaho yo gushyiraho iryo huriro yarateguwe, biteganyijwe ko iri huriro rizatangizwa ku mugaragaro mu mwaka wa 2016-2017.
- Kumenyakanisha ibyavuye mu bushakashatsi ku mibanire n'abafunguwe ku cyaha cya Jenocide yakorewe Abatutsi n'abandi Banyarwanda, ku Gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda cya 2015. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi bwombi byamaze kugezwa ku bafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge batandukanye. Kubera impinduka mu bagize ubuyobozi bw'inzego zegereye abaturage bugira uruhare rw'ingenzi mu gushyira mu bikorwa gahunda z'Igihugu harimo n'iy'ubumwe n'ubwiyunge byabaye ngombwa gutegereza ko abayobozi bashya binjira mu mirimo nyuma y'amatora y'inzego z'ibanze kugira ngo batangirirweho mu kumurika ibyagaragajwe n'ubu bushakashatsi. Ibyangombwa byose byarateguwe kugira ngo iyi gahunda ishyirwe mu bikorwa guhera mu ntangiriro za 2016-2017 muri izo nzego ikaboneraho no gukomeza mu bindi byiciro bya ngombwa;
- Gutambutsa kuri televiziyo filime mbarankuru (documentary film) ku bumwe bw'Abanyarwanda. Filime kuri Ndi Umunyarwanda izakoreshwa mu bukangurambaga ku bumwe n'ubwiyunge yarateguwe, ingengo y'imari n'amasezerano byo kuyitangaza byarabonetse ku buryo bizitabwaho muri 2016-2017.

Hashingiwe ku bimaze kugerwaho mu Rwanda byimakaza ubumwe n'ubwiyunge, hatewe intambwe ndende nk'uko byemezwa n'ubushakashatsi bwakozwe ku Gipimo cy'Ubwiyunge mu Rwanda cya 2015 (Rwanda Reconciliation Barometer 2015) kigeze kuri 92.5% kivuye kuri 82.3% muri 2010.

Iyi ntambwe ishimishije mu bwiyunge bw'Abanyarwanda u Rwanda ruyikesha ubushake bukomeye bwa politiki n'imiyoborere myiza, ndetse n'umuco nyarwanda ushyigikira ubwiyunge bw'Abanyarwanda. Ari nabyo byabaye umusingi wa gahunda zitandukanye zashyirirweho guteza imbere ubwiyunge n'ubufatanye mu Banyarwanda. Aha twavuga iziza ku isonga:

Kwibuka (92.2%), Ndi Umunyarwanda (90.1%), Itorero ry'Igihugu (90%), Umuganda (90.8%), amatsinda y'ubumwe n'ubwiyunge (89.9%), amakoperative(88.6%), Gira inka Munyarwanda (87.5%), gusubiza mu buzima busanzwe abavuye ku rugerero (87%), guhuza ingabo zahoze zihanganye (85.4%) n'Umushyikirano (85%).

Ubwiyunge mu Rwanda bwapimwe hasuzumwa ingingo esheshatu arizo: (1) gusobanukirwa n'amateka no kubaka ahazaza h'u Rwanda, (2) ubwenegihugu n'ibiranga umuntu (3) imiyoborere, (4) umutekano, (5) ubutabera, (6) imibanire mu Banyarwanda.

Igishimishije muri ibi nuko ingingo ziri ku gipimo cyo hejuru gusumbya izindi ari ubwenegihugu n'ibiranga umuntu (Citizenship and Rwandan Identity: 96.7%) n'imibanire mu Banyarwanda (Social Cohesion: 96.1%).

Nk'uko bigaragara kuba gahunda ya Ndi Umunyarwanda yaragize umwanya uhagije mu biganiro mu nzego z'ibanze no mu zindi nzego nk'urubuga rw'ubwisanzure Abanyarwanda banyuzamo ibiganiro bishingiye ku komorana ibikomere basigiwe n'amateka byatanze umusaruro ushimishije.

N'ubwo intambwe ishimishije cyane imaze guterwa mu nzira y'ubwiyunge mu Rwanda, haracyari imbogamizi zigomba kwitabwaho kugira ngo ziranduke. Muri izo mbogamizi, izigaragara cyane ni ukuba hakiri Abanyarwanda bakirebanira mu ndorerwamo z'amoko nk'uko byagaragajwe n'Abanyarwanda bagera kuri 27.9% (2015), aho mu mwaka wa 2010 bari 30.5%. Hari kandi Abanyarwanda bagifite ingengabitekerezo y'amacakubiri na Jenocide nk'uko byagaragajwe n'Abanyarwanda bagera kuri 25.8%, bivuye kuri 31.5% nkuko byagaragaye mu mwaka wa 2010. Indi mbogamizi ni uko hakiri Abanyarwanda batarakira ibikomere batewe n'amateka mabi y'amacakubiri na Jenocide bangana na 4,6%.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge nk'urwego rushinzwe guhuza no gukurikirana ibikorwa byo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, isanga ari ngombwa gukomeza ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda cyane cyane mu rubyiruko n'Abanyarwanda baba mu mahanga kugira ngo basobanukirwe n'ukuri ku mateka y'Igihugu cyabo.

Ni ngombwa kandi kwibanda ku bikorwa bihuza Abanyarwanda, biteza imbere ubwizerane no guhangana n'ibisigisigi byo kurebana mu ndorerwamo z'amoko n'ingengabitekerezo ya Jenocide.

Komisiyo irashimira Abanyarwanda n'abafatanyabikorwa muri rusange intambwe imaze guterwa mu gusubiza agaciro ubunyarwanda n'uruhare rwabo mu bikorwa biteza imbere ubumwe n'ubwiyunge.

**IGICE CYA KANE**

## **IMIGEREKA**

## IMIGEREKA

### Umugereka 1

#### **Gusangiza abashyitsi intambwe u Rwanda rwateye mu bumwe n'Ubwiyunge**

Abashyitsi banyuranye basuye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu mwaka wa 2015- 2016 baje baturuka ahantu hatandukanye hirya no hino ku isi ; bakaba bari bagamije kureba intambwe imaze guterwa mu nzira y'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda, barimo abakora mu bigo bifite inshingano nk'iza Komisiyo bari baje kwigira ku Rwanda, abayobozi mu nzego zitandukanye, abanyamadini, abanyamakuru. Harimo kandi abanyeshuri n'abarimu muri za kaminuza baturutse hirya no hino ku isi biga cyangwa bakora ubushakashatsi ku bijyanye no gukumira no gukemura amakimbirane.

#### **Imbonerahamwe ya 7: Urutonde rw'abashyitsi basuye Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'ubwiyunge**

No	Itariki	Amazina y'abashyitsi	Aho abarizwa	Ibyaganiriweho
1	02/06/2015	Itsinda ry'abantu 4 baturutse muri south Sudan National Electoral Commussion bayobowe na Lawrence Sulubia Amin Edoako	South Sudan	Uruhare rwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu matora atandukanye abera mu gihugu
2	05/06/2015	CSP J.Rudasingwa	NPC-Rwanda	Amateka y'u Rwanda & Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
3	21/7/2015	Amb. G Nyaanga	United States International University (USIU)	Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
4	07/9/2015	Salemah Abdul-Ghafur	ALMA-USA	Ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'uburyo bwakoreshejwe mu kunga Abanyarwanda
5	30/9/2015	Gregory Mugabo Barber Jr.	SIT Study Abroad Kigali	Ibikorwa bya NURC muri rusange no kwiga amasomo ku bikorwa ntangarugero

				by'ubumwe n'ubwiyunge mu Rwanda
6	17/11/2015	Grace Nkatha Kironcho	USIU-Nairobi, Kenya	Imikorere n'imikoranire ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge na Kaminuza n'amashuri makuru.
7	18/11/2015	Hon. John K. Kihagi	Kenyan National Assembly	Ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'uburyo bwakoreshejwe mu kunga Abanyarwanda
8	19/11/2015	Dr. Anitu Kiumba	Kenya	Amateka y'u Rwanda & Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
9	02/12/2015	Joy Espeland	Escape Travel, Norway	Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
10	02/12/2015	John Raen	Escape Travel, Norway	Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
11	5/1/2016	Omard TUTEENE n'abanyeshuri 18 bagenzi be baturutse muri kaminuza zitandukanye zo muri DRC, Sudani y'Epfo, u Rwanda, Uganda, Burundi, Kenya na Tanzaniya	DRC	Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
12	14/1/2016	Jennifer Trahaw	NYU Global Affairs-kenya	Ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'uburyo bwakoreshejwe mu kunga Abanyarwanda
13	22/1/2016	Itsinda ry'abanyeshuri 23 baturutse muri West Africa	Lagos-Nigeria	Imikoranire ya NURC n'amadini



		Theological Seminary”		nk’abafatanyabikorwa
14	28/1/2016	Mariaton Diary NINA	Mali	Uburyo buboneye bwo kugera ku bumwe n’ubwiyunge
15	3/2/2016	Mariam Matti Irina	Switzerland	Inzira y’ubumwe n’ubwiyunge n’intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
16	9/2/2016	Itsinda ry’abagore 23 bayobowe na Eva Hansen	Sweden	Ibikorwa bya Komisiyo y’Igihugu y’Ubumwe n’Ubwiyunge n’uburyo bwakoreshejwe mu kunga Abanyarwanda
17	15/2/2016	Yougmin Park	Ambassador of KOREA	Inzira y’ubumwe n’ubwiyunge n’intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
18	16/3/2016	Max Dave Whiston	USA	Inzira y’ubumwe n’ubwiyunge n’intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
19	31/3/2016	Itsinda ry’abanyeshuri 22 baturutse mu Bubiligi bayobowe na mwarimu wabo Lo Preste Lydie	Belgique	Amateka y’u Rwanda & Inzira y’ubumwe n’ubwiyunge n’intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
20	01/04/2016	Itsinda riyobowe na Despina Namuembe	United Religions Initiative- Great Lakes- Kampala	Imikoranye ya Komisiyo, amadini n’imiryango yegamiye ku madini
21	06/04/2016	Peter Meihald	Berlin- Germany	Amateka y’u Rwanda & Inzira y’ubumwe n’ubwiyunge n’intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
22	18/4/2016	Abarimu n’abanyeshuri	Africa	Inzira y’ubumwe

		baturutse muri Africa Nazarene University- Kenya bayobowe na Mr Fidele Samvora	Nazarene University- Kenya	n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
23	25/4/2016	Arnout Pauwels	Belgian embassy in Rwanda	Ibimaze kugerwaho na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu kunga Abanyarwanda
24	13/5/2015	Itsinda ry'abadebite 6 bakuriwe na Hon.Naomi Enyang	Turkina country assembly Kenya	Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
25	16/5/2026	Itsinda ry'abanyeshuri 9 bakuriwe na Abby Pachor	Hope college USA	Amateka y'u Rwanda & Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira
26	30/5/2016	Itsinda ry'abayobozi 3 bakora muri Haut Commissariat a la Reconciliation et au Renforcement de l'unité National muri Togo bayobowe na Mme. Awa Nana	HCRRUN Lome , Togo	Inzira y'ubumwe n'ubwiyunge n'intambwe Abanyarwanda bamaze gutera muri iyo nzira.
27	21/6/2016	Frederique de Man	Ambassador of Nertherlands in Rwanda	Inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda n'uruhare rwa Nertherlands Embassy muri iyo nzira
28	27/6/2016	Itsinda ry'abayobozi 4 baturutse muri SSPRC riyobowe na Chuol Rambang Luoth	South Soudan	Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ibyo imaze kugeraho.

**Amwe mu mafoto y'abashyitsi basuye NURC muri uyu mwaka wa 2015-2016**



**Ku itariki 15/01/2016, NURC yakiriye itsinda ry'abanyeshuri biga iby'Ubuyobozi, baje kwigira ku Rwanda ubutabera n'ubwiyunge**





Urubyiruko ruturutse mu bihugu bitandukanye by' Afurika basuye NURC tariki ya 5/1/2016





*Abashyitsi baturutse Haut Commissariat à la Réconciliation et au Renforcement de l'unité National, Togo tariki ya 30/5/2015*



*Itariki ya 27/06/2016 NURC yakiriye itsinda ry'abayobozi 4 riyobowe na Chuol Rambang Luoth baturutse muri Sudani y'epfo*